

# Amateka Y'Ubuzima Bwanjye

Los Angeles, California, USA

19 Mata 1959

1 Twunamishe umutwe akanya gato ku bw'isengesho. Data ukundwa uri mu Ijuru, tugiriwe ubuntu muby'ukuri bwo ku kwegera, Mana yacu n'Umukiza. Kumva iyi ndirimbo nziza bitangaje. Uburyo Ukomeye, ibyo bidutera umunezero ukomeye, kuko tuzi ko Ukomeye. Turasaba ko ugukomera kwa We twongera kukubona kuri iki gicamunsi, mu gihe tuvuga. Kandi byageze aho, ku nshuro ya mbere hashize rwose rwose imyaka myinshi, ngerageza kugaruka ku buzima bwa njye bwahise, na none ndasaba ko Wampa imbaraga, Mwami, kandi na none ko naba icyo ngomba kuba cyo kuri iyi saha ya nyuma. Kandi amakosa yose nakoze mu gihe cy'ubuzima bwa njye abasha kubera gusa urwego abandi, kugira ngo bibazane hafi ya We cyane. Ubitange, Mwami. Abanyabyaha babone inkora z'intambwe ku musenyi w'igihe, kandi bayoborwe kuri Wowe. Dusabye ibyo bintu mu Izina ry'Umwami Yesu. Amina. Mubasha kwicara.

2 [Mwene Data Glover aravugaga, ati « Mubasha gusengera iyi miswaro [ibitambaro] mbere yo gutangira ? » - Umwanditsi.] Ni byiza rwose. [« Hari iriya n'iyi ngiyi, tugomba gusengera. »] Ni byiza cyane, mugenzi wa njye; urakoze. Uyu muntu wera, mwene Data Glover, uwo nzi ubu hashize imyaka myinshi, nagiriwe ubuntu bwo kumarana na we igihe runaka ejo nimugoroba. Kandi yambwiye ibya... Yahawe igitanda igihe cy'akanya gato, kugira ngo afate ikiruhuko. Kandi ubu, ku myaka mirongo irindwi n'itanu, yongeye gusubira mu murimo w'Umwami. Ngaruwemo intege inshuro ebyiri kuruta mbere yo kumva ibyo. Natekerezaga ko nari naniwe, ariko njyewe-sintekereza ko ari ko ndi. Amaze kundambikira imiswaro [ibitambaro] hano, imeze nk'ifungiyeye mu dupfunyika, n'ibindi byose, yashyizwemo imbere, rwose iteguwe ku bwo koherezwa.

3 None, mwebwe mukurikirana kuri radiyo, cyangwa hano, kandi mwifuzaga kubona umwe muri iyi miswaro, kandi mwifuzaga... "Angelus Temple" iyohereza buri gihe, igihe cyose. Mushobora guhita muyohereza hano kuri "Angelus Temple," kandi bazayisengera; ku bw'ibyo, mbasha kubahamiriza rwose ko bihura n'Ibyanditswe. Ni isezerano ry'Imana.

Kandi niba mwaba mwifuzaga ko nasengera umuswaro ku bwanyu, rwose, ndabikora nta kibazo. Nabasabaga rwose ko mwanyandikira, ku gasanduka k'iposota 3-2-5, 325, i Jeffersonville, hitwa gutya: J-e-f-f-e-r-s-o-n-v-i-l (ebyiri)- e. Jeffersonville, Indiana. Cyangwa niba mutacyibuka agasanduka k'iposita, mwandike gusa Jeffersonville. Ni akagi gato, gatuwe n'abaturage hafi ibihumbi mirongo itatu na bitanu. Aho buri wese aranzi. Tuzanezewa cyane rero no gusengera umuswaro no kuzawubohereza.

4 Rwose, twageze ku kintu gikomeye mu gukora ibyo, kubera ko... Muzahabwa icyo gihe akabaruwa gato mbwirwabose kavugwamo ko hari abantu mu isi basenga buri gitondo i saa tatu, i saa sita, n'i saa cyenda z'amanya. Kandi mubasha gutekereza, mu rundi ruhande rw'isi, isaha y'ijoro iyo ari yo bagomba kubyuka kugira ngo bakore iryo sengesho. Icyo gihe, niba ibyo bihumbi n'ibihumbi by'abantu bazamuye bose amasengesho ya bo ku Mana neza neza ku gihe kimwe, basabira ubu bukozi, basabira uburwayi bwa nyu, mu by'ukuri Imana ntibasha kwigizayo ibyo. Kandi ku bw'ibyo rero, twebwe, nk'uko mbivugaga, nta gahunda n'imwe dufite, ntitwaka ifaranga na rimwe. Turi gusa... Niba tubasha kubafasha, turi aho ku bw'ibyo. Kandi twebwe... Umuntu azanye indi paki y'imiswaro.

5 None, niba mudafite umuswaro mwifuzaga kohereza, rwose, mufite gusa kwandika uko biri kose. Niba mutabikeneye uwo mwanya, mubirebe mu Gitabo cy'Ibyakozwe, muri Bibiliya, mu gice cya 19. Kandi ibyo muzabyoherezewa nk'agatambaro k'umweru gato, harimo amabwiriza, ni ukuvugaga ko ari ngombwa mbere na mbere kwihana ibyaha bya nyu. Kandi (murakoze) ko ari ngombwa kwihana ibyaha bya nyu. Ntimugomba na rimwe kugerageza kubona icyo ari cyo cyose kivuye ku Mana, mutabanje mbere na mbere kwitunganya n'Imana. Murabona? Kandi hanyuma, aho tubasaba kuzana abaturanyi banyu n'umushumba wanyu. Niba mufite ikintu icyo ari cyo cyose ku muntu, mbere na mbere mugende mukemure ikibazo, hanyuma mugaruke. Nuko hanyuma, musenge, mukore iteraniro ryo gusenga iwanyu, mufunge uwo muswaro ku mwambaro w'imbere wa nyu, kandi icyo gihe mwizere Imana. Nuko kuri ayo masaha atatu, iminsi yose, hazaba hari abantu mu isi yose bazaba basenga, bakoze urunani rw'amasengesho mu isi.

6 Rwose ibyo ni ibyanyu, rwose ni ubuntu, mwandike gusa. Kandi, rwose, ntituzongera ngo tubandikire ku bwo kubabwira amagambo mabi cyangwa kubabwira ibya gahunda twaba dufite. Turifuza ko mwashyigikira gahunda, gusa twebwe nta n'imwe dufite twabasaba ko mwashyigikira. Murabona? Rero, mwebwe... Ntabwo ari ukugira ngo tubone aderesi ya nyu, rwose ni ku bwo kubafasha, kandi ni umurimo twahawe dukomeza kwihatira gusohozza ku bw'Umwami.

None twunamishe umutwe. Niba mudukurikiranye kuri radiyo, kandi mukaba mufite umuswaro wanyu uri aho, icyo mufite gusa ni ugushyira ikiganza cya nyu kuri wo mu gihe dusenga.

7 Mwami Ukundwa, tukuzaniye utu dupaki, bimwe birasa birashoboka nk'udukote duto tw'abana bato, cyangwa akambaro k'imbere, cyangwa birashoboka akaguro gato k'udusogisi tw'impinja, cyangwa - cyangwa ikintu runaka, umuswaro, ni iby'abarwayi n'imbabare. Mwami, bihuye neza n'Ijambo rya We ko dukora ibi. Kubw'ibyo, dusoma mu gitabo cy'Ibyakozwe ko bafataga imiswaro, n'imyenda yabaga yakoze

ku mubiri w'umugaragu wa We Pawulo, kubera ko abantu bizeraga ko Umwuka wa We Yabaga ari kuri uwo muntu. Kandi imyuka mibi yasohokaga mu bantu, ububabare n'uburwayi byabavagamo, kubera ko babaga bizeye. Kandi none, tuzi neza, Mwami, ko tutari Pawulo wera, ariko tuzi ko ukomeza igihe cyose kuba Yesu. Nuko turagusaba ngo Wemere ukwizera kw'aba bantu.

8 Bivugwa ko igihe kimwe, igihe Isirayeli yageragezaga kumvira Imana, yari yaguye mu mutego, hari hari inyanja imbere yabo, imisozi kuri buri ruhande n'ingabo za Farawo zari zibatugirije. Kandi umuntu yavuze ko Imana Yaritegereza ikareba, Inyuriye muri ya Nkingi y'Umuriro. Irebana amaso yuje uburakari, maze inyanja igira ubwoba, yigirayo kandi igatanga inzira kugira ngo Isirayeli ibashe kwambuka kandi ijye ku Butaka bwasezeranijwe.

Oh! Mwami, Wongere udukebuke, mugihe ibikoresho biribube bishyizwe ku mubiri irwaye mu kwibuka tuzirikana Ijambo rya We rizima. Kandi uburwayi bugire ubwoba; Urebe Urebeye mu Maraso y'Umwana wa We Yesu, Wapfuye ku bw'iyi mpongano. Umwanzi agire ubwoba maze ahunge, kugira ngo aba bantu babashe kwinjira mu isezerano ribahesha kuba « hejuru ya byose, » ni cyo cyifuzo cya We » ko twaba turi bazima. » Ubitange, Data, kuko tuyohereje dufite icyo - dufite icyo cyizere mu mutima wacu. Kandi ni yo ntego yacu. Tuyohereje mu Izina rya Yesu Kristo Amina. Murakoze, Mwene Data Glover. Murakoze, mugenzi wa njye.

9 None, kubera ko iteraniryo ryo kuri uyu mugoroba riribube ari irya nyuma ry'uru rukurikirane rw'amateraniryo y'ububuyutse, sinzi niba riribunyuzwe mu nsakaza majwi cyangwa bitari bukorwe, ariko nifuzaga kubwira (igihe byaba bitari bukorwe) abadukurikirikiye kuri radiyo ko uru rwo rwabaye rumwe mu nkurikirane z'amateraniryo nziza kurusha izindi naba narigeze kugira hashize rwose, imyaka myinshi. Rwabaye urukurikirane rw'amateraniryo rw'imbaraga kandi rw'ingenzi, rumwe mu nziza kurusha izindi, rufite ubwumvikane bukomere nabayemo hashize igihe kirekire cyane.

10 [Mwene Data umwe aravuga, ati « Turi ku murongo kugeza i saa kumi na cumi n'itanu, mwene Data. Kandi abantu barabumva, ahantu hose mu majyepfo ya Californie, kugeza mu birwa, no ku mato. Turakira ubutumwa bwa bo. Rero, mufite abaguteza amatwi benshi, ibihumbi n'ibihumbagiza by'abaguteze amatwi. » -Umwanditsi] Murakoze mugenzi wa njye. Ni byiza cyane, ibyo. Nejejwe no kumva ibyo. Imana ibahe umugisha mwese.

Muby'ukuri, igihe cyose nagize urukundo rwa « Angelus Temple, » kubw'igihagararo cya bo ku byerekeye Ubutumwa bwiza bwuzuye bwa Yesu Kristo. Kandi ubu, irasa n'iyarushijeho noneho kuba inkoramutima ya njye. Umuntu yavugaga ko nyuma yo kumenyeshya abantu bese kandi bakabona igitekerezo cya bo cyiza bitangaje, umuntu yavugaga ko mu by'ukuri ndi umwe muri mwe kurusha mbere. Isengesho rya njye ni uko Imana yabaha umugisha. Maze... [Iteraniryo rikoma amashyi. - Umwanditsi.] Murakoze. Amashimwe yanjye yose.

11 None, bamenyeshaje ko uyu muni nari ngiye kubabwira urebye mu gihe gito ku Mateka y'ubuzima bwa njye. Ni ikintu gikomere kuri njye. Biraza kuba ari ubwa mbere ndibube ngerageje kuvuga kuri ibyo hashize imyaka myinshi. Kandi sindibubone igihe cyo kwinjira mu kantu ku kandi, ariko ndavugaho igice. Kandi, kuri ibyo, nakoze amakosa menshi, nakoze rwose ibintu bitari bikwiriye. Kandi ndabasaba, mwebwe abakurikiye kuri radiyo cyo kimwe na mwe abari hano, kutita ku makosa yanjye nk'amabuye asitaza, ariko ahubwo muyafata nk'inzeho zizatuma mwegera Umwami Yesu.

12 Kandi na none, kuri uyu mugoroba, tugomba gutanga amakarita yo gusengerwa kubwa gahunda yo gukiza uburwayi yo kuri uyu mugoroba. Nyamara, igihe tuvuze ibyerekeye gahunda yo gukiza uburwayi, ibyo ntibisobanura ko tugiye gukiza uburwayi umuntu, tugiye « gusengerwa umuntu. » Ni Imana ikiza uburwayi. Yabaye inyembabazi cyane kuri njye, mu kumva igasubiza amasengesho yanjye.

Hashize igihe gito, hariya, nabwiraga umuntu utegura ibiterane by'umuvugabutumwa w'ikirangirire, kandi - kandi - kandi babajije impamvu uwo muvugabutumwa atasengeraga abarwayi. Nuko umuvugabutumwa yarashubije - uwari ushinze gutegura amateraniryo yanjye, yaravuze, ati « Niba... » Uwo muvugabutumwa yizera ugukiza indwara kw'Imana. Ariko aramutse atangiye gusengerwa abarwayi, ibyo byajyaga gutera ikibazo gahunda ze, kubera ko afashwa n'amatorero. Amatorero menshi, amenshi muri yo, ntiyizera gukiza indwara kw'Imana.

Rero, mpa icyubahiro kandi nkubaha uwo muvugabutumwa, kubera ko aguma mu mwanya we, ku nshingano ye. Yashobora birashoboka... Njyewe, sinashobora na rimwe gufata umwanya we, kandi ndashidikanya ko yabasha gufata umwanya wa njye. Dufite buri wese umwanya wacu mu Bwami bw'Imana. Twese turi umwe. Ni impano zinyuranye, Ariko ni Umwuka umwe. Ukwigaragaza kunyuranye, ni cyo nashakaga kuvuga, Ariko ni Umwuka umwe.

13 Kandi, noneho, uyu mugoroba, gahunda ziratangiye... Ndatekerezaga ko bavuze ko igitaramo kiributangira saa kumi n'ebiyiri n'iminota mirongo itatu. Kandi, ubu niba mudukurikiye kuri radiyo, muze rero mwumve ibyo. Ni ... Biraza kuba ari byiza cyane, ni ko bihora igihe cyose.

Na none nifuzaga kuvuga ko amakarita yo gusengerwa aribuhite atangwa nyuma y'iteranirwa, igihe turi bube dushoje iri teranirwa, niba muri hano kandi mukaba mwifuzaga kubona ikarita yo gusengerwa. Hashize umwanya muto, bamenyesheje ko, yaba umuhungu wa nyje, cyangwa M. Mercier, cyangwa M. Good, bari butange amakarita yo gusengerwa. Rwose mugume mwicaye mu mwanya wa nyu. Igihe turi bube dushoje iteranirwa, mugume mu mwanya wa nyu, kugira ngo abo basore babashe kumanuka mu kayira kandi batange amakarita yo gusengerwa rwose bihuse uko bishoboka. Araza gutangirwa mu nyubako yo hejuru yo hejuru, cyangwa mu cyumba cyo hejuru, ahari ho hose, hasi, cyangwa aho ariho hose muza kuba muri, icyo musabwa gusa ni ukuguma mu mwicaye mu mwanya wanyu, kandi abo b'abasore bari buze kumenya ko muri aho ku bw'ikarita yo gusengerwa. Kandi rero, uyu mugoroba, turibusengere abarwayi. Kandi niba Umwami adahinduye ibitekerezo bya nyje, uyu mugoroba nifuzaga kubwiriza ku ngingo igira, iti "Nutwereka Data, ibyo biraba biduhagije."

14 None, kuri iki gicamunsi, nifuzaga, rwose nk'iriburiro ku birebana n'Amateka y'ubuzima bwa nyje, gusoma agace k'icyanditswe kari mu Rwandiko rw'Abaheburayo, mu gice cya 13, kandi dutangirire ahagana... navuga ahagana ku murongo wa 12.

*Ni cyo cyatumye na Yesu ababarizwa inyuma y'irembo, kugira ngo yejeshe abantu amaraso Ye.*

*Nuko, dusohoke, tumusange inyuma y'urugo twemeye gutukwa ku Bwe,*

*Kuko hano tudafite umudugudu uhoraho, ahubwo dushaka uzaza.*

None, ngicyo mu yandi magambo igice cy'Ibyanditswe cyacu. Ku bw'ibyo, murabona, niba ari amateka y'ubuzima, cyangwa icyo ari cyo cyose gifitanye isano n'ikiremwa muntu, ntidushyira hejuru ibyo, kandi rwose ntabwo ari amateka yahise y'u- y'umuntu, niba yarabayeho agoye nk'ayanjye. Ariko nibwiye ko, turamutse dusomye icyanditswe, Imana Yaha umugisha icyanditswe. Kandi igitekerezo cya nyje, ni iki:

Ko tudafite na hato hano umudugudu uhoraho, ahubwo dushaka uzaza.

15 23, None, nzi ko mukunda cyane Los Angeles. Mufite ukuri kubikora. Ni umujyi ukomeye, umugi mwiza w'akataraboneka. Tutitaye ku byuka bihumanya bya wo n'ibyo nzi, nyamara ni umugi mwiza w'akataraboneka, ikirere cya ho ni cyiza. Ariko uyu mugari ntabwo uzahoraho, ugomba kuzagira iherezo.

Nahagaze i Roma, aho abami bakomeye babaye, n'imigi bari barubatse batekereza ko yajyaga kuzahoraho iteka, rwose bisaba gucukura ubujyakuzimu bwa metero 6 [6m] kugira ngo ubone ibisigazwa bya yo.

Nahagaze aho ba Farawo bari bafite ubwami bwa bo bukomeye, kandi byasaba gucukura muni y'ubutaka kugira ngo mubone aho ba Farawo bakomeye bahoze bimye ingoma.

Twese dukunda gutekereza ku mugari wacu no ku nzu yacu. Nyamara, mujye mwibuka ko, ibyo bitabasha guhoraho iteka ryose.

16 Igihe nari agahungu gato, najyaga hafi y'umwaroni w'inganza marumbo. Mu gace kacu, dufite ibiti byinshi bikomeye. Kandi rero, twari dufite iyo myaroni, imyaroni yera imbuto zivamo isukari, kandi iyo twita "imyaroni ikomeye" n' "imyaroni y'ibijegijegi". Icyo giti cy'inganzamarumbo cyari cyo giti cyiza kurusha ibindi. Kandi iyo nabaga mvuye mu mirima, nyuma yo kwahira ubwatsi no - no gusarura, nakundaga kujya hafi y'icyo giti kinini cy'inganzamarumbo, maze nkiyicarira muni, nuko- na none nkararama nkareba hejuru. Nabashaga kubona amashami ya cyo akomeye azunguzwa n'umuyaga, igihimba cya cyo ari kinini cyane. Kandi naribwiraga, nti "Urazi, ndatekereza ko iki giti kizaba kiri hariya igihe cy'imyaka amajana n'amajana." Nta gihe kirekire gishize, nakubise akajisho kuri cya giti cya kera, gusa ni igishyitsi gihari.

" Kuko ntidufite na hato hano ku isi umudugudu uhoraho." Oya, ntacyo wabasha kubona kuri iyi si gihoraho. Ntakabuzwa ibyo bizagira iherezo. Igipfa cyose kigomba kuzasimburwa n'ikidapfa. Rero, uko imihanda yacu migari kandi ikomeye yaba yubatswe neza kose, uko inyubako zacu zaba ari nziza kose, byose bigomba kuvaho. Kuko hano ku isi nta kintu gihari cyaba ari igihoraho. Gusa hari Ibitagaragara ni byo bihoraho.

17 Ntibuka inzu twari dutuyemo, yari inzu ikuze yubatswe n'ingiga z'ibiti, ifite imyenge ihomesheje icyondo. Njyewe... Birashoboka ko abantu benshi baba batarigeze babona na rimwe inzu ifite imyenge ihomesheje urwondo. Ariko imyenge yose yari ihomesheje urwondo, kandi ingiga z'ibiti nini cyane z'iyi nzu ya kera, natekerezagako iyo nzu yajyaga kuzaguma ihagaze igihe cy'imyaka amajana. Ariko, murazi, uyu muni, ahantu hari hari iyo nzu, bahubatse inzu y'agatangaza nini cyane yo guturwamo. Rwose biranyuranye cyane. Byose birahinduka. Ariko...

18 Kandi nabonaga papa, icyo gihe, ahubwo yari umuntu mugufi, mugari, w'imbaraga nyinshi, kandi yari

umwe mu bantu bagufi b'abanyambaraga kurusha abandi naba naramenye. Nahuye na M.Coots (umuntu wakoranaga na we kera batema ibiti, yari umuntu utema ibiti), hashize hafi umwaka umwe. Kandi M.Coots ni umwe mu nshuti za njye zikomeye, umudiyakoni w'Itorero rya mbere ry'Ababatisita, kandi yaravuze, ati « Billy, wakagombye kuba uri umuntu w'imbaraga nyinshi. »

Naravuze, nti « Oya, sindi we, M.Coots. »

Yaravuze, ati "Iyo uza kuba warakurikije so, wajyaga kuba uri we." Yaravuze, ati "Nabonye uwo mugabo w'ibiro 63,5 [kg 63,5] wapakiraga wenyine ingiga y'igiti ku igare rikururwa yabaga ipima kilogarama 408,2 [kg 408,2]." Yabaga azi rwose uko abyifatamo. Yari umunyambaraga. Namubonaga aje, yitegura gufata amafunguro ya kumanywa, igihe mama yabaga amuhamagaye.

19 Twari dufite igiti gikuze cya pome mu mbuga y'imbere hanyuma hari hari na none ibiti bitatu cyangwa bine hirya kure, ahagana inyuma. Kandi ku giti cyo hagati, hari ikirahuri gikuze, cyari cyaramenutse, cy'indorerwamo, cy'indorerwamo nini. Kandi cyari cyaramanitswe ku giti bakoresheje imisumari bari baragonze. Bijya kumera nk'ibyo mwebwe, ababaji barimo kunyumva, mwakwita "utuntu tumanikwaho imyenda." Yari yaragonzwe kugira ngo ifate ikirahuri. Kandi hari hari igisokozo gikuze gikozwe mu cyuma cy'umweru. Ni bangahe baba barigeze kubona... gikuze, igisokozo gikuze cy'umuderu wa kera, gikoze mu cyuma cy'umweru? Ndacyakibona n'ubu.

Na none, hari hari agatebe gato k'indambure bakoresha boga, gusa kari akabaho gato gafite akaguru gato kagoramye ahagana hasi, kandi kari gatewe ku giti. Hari hari ubwoko bw'ipombo ikuze y'amazi asa narimo aside, aho, ari yo twapombaga kugira ngo tubone amazi, kandi twogeraga hafi y'icyo giti gikuze. Mama yakoresheje udufuka tuvuyemo ifu kugira ngo akoremo udukoresho tw'isuku. Ese hari umuntu waba warigeze gukoresha agakoresho k'isuku gakoze mu mufuka uvamo ivu? Rwose, aho, nta gushidikanya, ndumva nsa n'uri mu muryango. N'utwo dukoresho tw'isuku tunini duhanda! Igihe yabaga atwuhagira, twabwira abana bato cyane, we... Ni nk'aho yabaga adukuraho uruhu, iyo igihe cyose yabaga adutsirira. Kandi ndibuka ako gafuka k'ifu. Yakuragamo ubudodo bwako, kandi yabohagamo utuzingira duto, kugira ngo urebye adutake.

20 Ni bangahe baba barigeze kuryama ku buriri bw'ibyatsi? Rwose, nimuvuge rero! Ni bangahe bazi umusego w'amahundo y'urumamfu? Rwose, Mwene Data Glover, aho, ndi iwa njye, ni ko biri rwose! Uburiri bw'ibyatsi, none, nta gihe kirekire gishize ndetse kuburyamaho, kandi bwari... Oh! Umuntu - aryama neza kuri bwo, buba bufite amafu. Nuko, mu gihe cy'ubukonje, bashyiragaho ikintu cy'ubwoya gikuze hejuru; kandi byabaga ari ngombwa ko bashyiraho akenda hejuru kugira ngo batworose, kubera amasimbi y'urubura umuyaga wabaga winjiza anyura mu myenge y'inzu, murabizi, utubaho duhuza twaregukaga, murabizi, kandi urubura rw'amasimbi rwanyuraga aho. Kandi, oh! Ndabyibuka neza.

21 Kandi rero, papa yari afite akaroso. Njyewe, ... Aho, aka ko, kari bubatungure. Kabaga gakoze mu bishishwa by'ibigori, akaroso gakoze mu bishishwa by'ibigori. Yafataga isabune ya kera imesa ya mama, yabaga yarakoze, yarayivugutaga kandi yayisigaga mu maso akoresheje ako karoso gakoze mu bishishwa by'ibigori, kandi yiyogoshaga ubwanwa akoresheje agakoresho kogosha gafite ikirindi. Kandi ku cyumweru, yafataga uduce tw'udupapuro, kandi yaducengezaga ku mpande zose z'ikora ye (babaga bafite amakora agangaraye), yatuzengurutsaga ku ikora rye, atya, kugira ngo arinde ikizinga cy'icyuya ku ikora y'ishati ye. Mwigeze mubona bakora ibyo? Rwose, oh! Ra ra! Oh! Ra ra!

22 Ndibuka ivomo rito ryari riri hepfo, aho twajyaga kunywera intama nke z'amazi kandi tukavoma amazi dukoresheje igicuma gishaje twagikoresheje nk'uruho badahisha. Ni bangahe bigeze kubona uruhu rwavuye mu gicuma? Ariko turebe, muri bangahe hano ab'i Kentucky? Rwose, ni byo, nimunyitegereze rero, abo b'i Kentucky mwese. Rwose, oh!Ra ra! Ndi - ndi muby'ukuri... Natekerezaga ko mwese muri aba Oklahoma n'abo muri Arkansas unyuzeye aha, Ariko umuntu yavuye rwose ko Kentucky itangiye gukwira aka gace. Rwose, ni iby'ukuri ko babonye peteroli muri Kentucky hashize amezi make, murazi, rero birashoboka ko bamwe muri bo baza bagatura aha.

23 Na none, ndibuka igihe papa yabaga aje kandi akitunganya mbere yo gufata amafunguro ya kumanywa. Yazingaga amaboko y'ishati, n'amaboko ye magufi acinyiye, igihe yabaga azamuye amaboko ye kugira ngo akarabe, iyo yabaga atera amazi mu maso he, inyama z'amaboko zabaga zikanya ku maboko ye magufi. Kandi naribwiraga, nti « Urazi, papa azabaho kugeza ku myaka ijana. » Yari umunyambaraga cyane ! Ariko yapfuye ku myaka mirongo itanu n'ibiri. Murabona ? » Ntidufite na hato hano ku isi umudugudu uhoraho. » Ni ko biri. Ntitubasha kuba aho ibihe byose.

24 Noneho dukore akagenda gato, twese hamwe. Buri wese muri mwe, hano, afite amateka y'ubuzima bwe, kimwe na njye, kandi ni byiza kugendagenda rimwe na rimwe mu nzira y'urwibutso. Ntimubona? Gusubira inyuma mu byatubayeho, none dusubire inyuma twese mu gihe cyashize akanya gato, ku byatubayeho nk'ibyo twahuye na byo igihe twari abana.

Kandi noneho, igice cya mbere cy'amateka y'ubuzima bwa njye, ngiyeye rwose kuyavugaho nyacya hejuru, kubera ko ari mu gitabo, kandi benshi muri mwe bafite icyo gitabo.

25 Navukiye mu kazu k'akavundi k'ibiti n'ibyatsi ko mu misozi, iyo ruguru mu misozi ya Kentucky. Twabaga mu kumba kamwe, ntihari hari ikintu cyo gusasa hasi, haba ndetse n'ibiti hasi, byari gusa ubutaka bwonyine. Kandi hari hari igishyitsi, hejuru y'igishyitsi bakase, cyari gifite amaguru atatu munsu, icyo ni cyo cyari ameza yacu. Kandi ba Branham bese babaga baranzemo imbere no hanze, imbere y'akazu k'ibiti n'ibyatsi k'akavundi, kandi twabaga turi aho hanze (wajyaga kuvuga ko umugana rw'ingunzu waba wigaraguye aho, murabizi,) barumuna ba njye bese. Twari turi icyenda, kandi hari harimo gusa agakobwa kamwe, kandi, muby'ukuri, yabonye byinshi muri ako karwi k'abahungu. Tugomba kumuhamiriza icyubahiro tukimufitiye uyu munsu kubera ibintu twakoze icyo gihe. Ntiyabashaga kujyana na twe ahantu na hamwe, twaramwirukanaga, yari umukobwa. Ntiyabashaga rero kwihanganira ibyo, murabizi. Icyo gihe, twari dufite... Kandi byose...

26 Ndibuka ko, inyuma y'ameza twari dufite gusa udutebe tubiri, kandi zari zikozwe mu bishishwa by'ibiti. Rwose yari imihotora mito yari yarateranijwe, kandi inyuma, yari imihotora ikiri mito ibohekaniye. Ese hari umuntu wigeze kubona intebe ikozwe mu bishishwa by'imihotora? Ni byo. Kandi ndacyumva mama. Oh! Nyuma y'aho, igihe twimukiye mu nzu aho yashoboraga kubona ahantu hasi hashashe imbaho, yari afite utwana ku mavi ye, gutya, kandi yarizunguzaga kuri iyo ntebe ishaje, kandi byavugaga bumu, bumu, bumu, ku mbaho zishashe hasi. Kandi ndibuka ko kugira ngo abuze abana badasohoka banyuze mu muryango, igihe yabaga amesa cyangwa akora ikintu runaka, yashyiragaho intebe asa n'uyihengetse ku rugu, kugira ngo abuze abana gusohoka, igihe yagombaga agiye gushaka amazi ku mugezi, n'ibindi byose.

Mama yari afite imyaka cumi n'itanu igihe navutse, papa yari afite imyaka cumi n'umunani Nari uwa mbere mu bana icyenda. Kandi bambwiye ko igitondo navutsemo...

27 Nyamara twari abakene cyane, mu bakene twari abakene kurusha abandi. Kandi ndetse ntitwari dufite idirishya muri ako kazu k'ibiti n'ibyatsi k'akavundi. Hari hari akantu k'akugi gato gakozwe mu biti twakinguraga. Ndashidikanya ko mwaba mwarigeze kubona ikintu runaka nk'icyo. Akugi gato gakozwe mu biti kikinguraga, kameze nk'idirishya, twakarekaga gakinguye ku manywa kandi twagakingaga nijoro. Ntitwashoboraga gucana urumuri rw'amashanyarazi, cyangwa ndetse ngo ducane peterori muri icyo gihe, twari dufite icyo bita "itara ry'amavuta afashe." None, sinzi niba muzi itara ry'amavuta afashe icyo ari cyo. None ese mwebwe... Kandi mwebweze kugura... gucana imbuto z'ikibonobono? Birahagije gufata imbuto y'ikibonobono, mukayicana, kandi mukayishyira ku mufuniko, izaka. Kandi ni... yo yazanaga akotsi gahoro, Ariko, uko biri kose, ntibari bafite ibikoresho by'ibibazwa byajyaga kujyaho umwotsi. Icyo gihe, gusa ni... ni akazu k'ibiti n'ibyatsi kajyagaho imyotsi. Ibyo rwose nta kibazo byari biteye kubera ko igisenge cyari kiri hejuru ku buryo buhagije kugira ngo umwotsi ubone aho uca. Rero, ibyo...

28 Navutse kuya - kuya 6 Mata 1909. Birumvikana, murabizi, ubu ndasa n'ufite rero imyaka irenga makumyabiri n'itanu. Kandi, rero, igitondo navutse mo, mama yambwiye ko bakinguye idirishya. Nyamara, ntitwari dufite umuganga; hari hari umubyaza. Rwose... kandi uwo mubyaza, yari nyogokuru. Kandi rero, igihe navutse, n'igihe nateye urusaku rwa njye rwa mbere, icyo gihe - rero mama yashakaga kureba umwana we. Kandi - na we ubwe yari akiri umwana. Nuko, igihe bakinguye akadirishya gato, rwose mu museso, mu ma saa kumi n'imwe, kandi i... hari hari ifundi ihagaze hafi y'igihuru gito. Mwabonye mwese igishushanyo mu- mu gitabo cya njye, ku mateka y'ubuzima bwa njye. Ifundi yari ihagaze aho, yararimbaga yabiciye.

29 Nakunze igihe cyose amafundi. Abana b'abahungu, mwebwe abakurikiye kuri radiyo, ntimukarase inyoni za njye. Murabona, izo ni - izo ni... Izo, ni inyoni za njye. Mwebweze kumva inkuru ya kera y'ifundi, uburyo igituza cya yo cyahindutse umutuku? Ngiye guhagarara, aha akanya gato. Uburyo igituza cya yo cyahindutse umutuku.... Umunsu umwe, Umwami w'abami yarimo apfa, ku musaraba ; Yari ababaye kandi nta muntu n'umwe wifuzaga kumwegera. Ntiyari afite umuntu wo kumufasha. Kandi hari hari inyoni y'ikigina yashakaga gukura imisumari y'umusaraba, yagurukaga igana ku musaraba ubudatuza, kandi yakuraga iyo misumari. Yari ntoya cyane bikabije ku buryo itayikora, nuko igituza cya yo cyose cyahindutse umutuku, cyandujwe n'amaraso. Nuko kuva uwo munsu, igituza cya yo ni umutuku. Ntimukayirase, abana b'abahungu. Muyirekere umutekano wa yo.

Yari ihagaze hafi y'idirishya, yaravugaga nk'uko amafundi aririmba. Nuko - rero papa yakinguye idirishya. Kandi igihe bakinguye « Akugi - k'akadirishya, » uwo Mucyo mubona ku ifoto winjiye unyuzwe mu idirishya wikaraga, nkurikije ibyo mama avuga, kandi waragiye ujya hejuru y'uburiri. Mukeyuru ntiyari azi icyo yavugaga.

30 Nyamara, ntitwari... ntitwari umuryango w'abizera. Abantu bo mu muryango wa njye ni abagatorika. Ndi Umunya - Irilande, ku mpande zombi. Data ni Umunya- Irilande burundu, umu « Branham ». Mama ni umu « Harvey. » [w'umunya - Irilande] ; gusa ise yashatse Umuhindekazi[w'umu - « Charokee »], ni cyo cyacyiyemo amaraso y'inkomoko gake y'Abanya - Irilande. Papa na mama ntibajyaga ku rusengeru, bashakaniye hanze y'itorero, kandi nta dini na rimwe bari bafite basengeramo. Iyo mu misozi, ndetse nta na kiliziya gatolika yari iriyo. Rero, ba « Branham » babiri bageze mu basangwabutaka bambere, baraje kandi ni aho hakomotse igisekuru cyose uko cyakabaye cy'aba « Branham » ; ngicyo igisekuru cy'umuryango.

31 Kandi, rero yarakunguye... Igihe bakinguye ako kadirishya, nuko uwo Mucyo winjiye mu cyumba, nuko wihagararira aho, ntibari bazi icyo bakora. Papa yari yiguriye (ni ko mama yambwiye) isalubeti nshya tuku tuku kubw'ibyo. Yari ahagaze afite a-amaboko ye ari mu gituzo mu gice cy'imbere cy'isalubeti ye, isa n'iyambarwaga n'abarinzi b'ishyamba n'abantu batemaga ibiti icyo gihe. Kandi ibyo byabateye ubwoba.

32 None, igihe nari maze kugira nk'iminsi icumi, cyangwa hafi ya yo, banjyanye ku gatorero gato k'Ababatisita bita « Ubwami bw'Ingunzu za nijoro, » itorero ry'Ababatisita b'Ubwami bw'Ingunzu za nijoro. Kubw'izina, ibyo byari ikintu kimwe. Umubwirizabutumwa uhora ugenda, umubwirizabutumwa w'umubatisita w'umuderi wa kera, yazaga aho hafi inshuro imwe mu mezi abiri buri gihe. A... Abantu bateraniraga aho kubw'iteraniriro rito, kandi bajyaga aho bakaririmba indirimbo nke, ariko bagiraga ikibwirizwa rimwe na rimwe, igihe babaga bahagaze aho yanyuraga. Imyaka yose, bamurirahaga bakoresheje agafuka k'ibihaza binini n'ibintu nk'ibyo, murabizi, by'abantu babaga bakusanije kugira ngo babimuhe. Icyo gihe umubwirizabutumwa yaraje, kandi aho, yaransengeye igihe nari nkiri rwose akana gato k'agahungu. Ubwo ni bwo nagiyeye ku rusengeri bwa mbere.

33 Ku kigero hafi... kiri hafi y'imyaka ibiri, iyerekwaga rya mbere ryabayeho.

Rwose, inkuru yari yarakwiriye mu misozi aho, ko "Uwo Mucyo wari winjiye." Icyo gihe, bagerageje gusobanura ibyo bintu. Bamwe bavugaga ko ibyo bigomba kuba byari izuba ryari ryarasiye mu ndorerwamo iri mu nzu. Gusa nta ndorerwamo n'imwe yari iri mu nzu. Kandi izuba ryari ritatarasa; rero byari bikiri kare cyane, i saa kumi n'imwe. Kandi hanyuma, oh! Rwose ibyo barabyibagiye. Kandi igihe nagize hafi... ngereraniye, hafi imyaka itatu...

34 Nyamara, ngomba kuba umunyakuri. Hano hari ibintu ntakunda kuvuga, kandi nifuzaga ko nabasha kubishyira ku ruhande kandi singomba kubivugaho. Ariko, nyamara, ku byerekeye kuvuga ukuri, ni ngombwa kuvuga ukuri, ndetse n'ubwo byaba biri kuri mwebwe ubwanyu cyangwa ku muryango wa nyu. Mube abanyakuri kuri ibyo, kandi icyo gihe ibyo ntibizabwira ikintu kivuguruzanya.

Papa umbyara yari kure cyane yo kuba umwizera. Yari umuntu ndetse w'imisozi, wahoraga yanyoye igihe cyose. Kandi yari yishyize mu mazi abira mu gihe cy'intambara y'indwano; abantu babiri cyangwa batatu bari bari hafi yo kwicana muri icyo gihe cy'iyi mirwano; bararasaga, bateranaga ibyuma, mu kintu cy'umunsi mukuri wari wabayeho aho mu misozi. Kandi papa yari yabayeho umwe muri banyirabayazana b'iyi mirwano. Kubw'ibyo, umwe mu nshuti ze yari yakomeretse kandi yari yakubise umuntu intebe. Kandi yari afite... Uwo muntu yari yakuyeye icyuma cye kandi akoresheje icyo cyuma, yari agiyeye guhinguranya umutima w'inshuti ya papa, wari uri hasi; nuko papa yaratabaye kugira ngo amurengere. Kandi ibyo byagombye kuba imirwano iteye ubwoba, kubera ko bo... kuva mu gace kari kure cyane, ku birometero byinshi, umuntu ushinze umutekano yaroherejwe kugera i Burkesville ku ifarashi aje guhiga papa.

35 Rero, umuntu yari arambaraye aho, ari ku nkingo. Hari umuntu birashoboka bafitanye isano urimo kunyumva. Ngiye kuvuga izina rye, yitwaga Will Yarbrough. Birashoboka ko bo... Ndatekerezaga ko bamwe mu bahungu be baba muri Califonie. Ariko yari umuntu w'igihazi, umuntu w'umunyambaraga cyane, yishe umuhungu we bwite akoresheje icyuma cy'uruzitiro. Rero, we - yari umuntu w'umunyambaraga cyane kandi w'umugome cyane. Nuko, habayeho intambara ikomeye y'ibyuma hagati ye na papa. Kandi papa umbyara yabayeho hafi yo kwica uwo muntu, icyo gihe byamusabye guhunga, aha i Kentucky kandi yambuka umugezi kugira ngo aze muri Indiana.

36 Icyo gihe umwe muri bene se yabaga i Louisville, muri Kentucky, yari umuyobozi wungirije wa za kompani zikata ibiti by'ishyamba rya kimeza y'i Kentucky, z'i Louisville. Kandi, rero, papa yagiye kureba mwene se w'imfura. Papa yari we muto mu bahungu, mu bana cumi na barindwi. Nuko, yagiye kureba mwene se w'imfura, kandi aho, yabuzeho igihe hafi cy'umwaka umwe. Ntiyabashaga kongera kugaruka, kubera ko yashakishwaga n'ubutabera. Nuko nyuma, igihe twumvise inkuru ze, byari kubw'ibaruwa yashyizweho umukono mu rindi zina, Ariko ibyo, yari yaramaze kubibwira mama, uburyo yajyaga kuzamuha amakuru ye.

37 Nuko hanyuma, umunsi umwe, ndibuka; ivomo ryari riri rwose inyuma y'inzu (akazu k'ibiti n'ibyatsi k'akavundi.) Kandi - na none muri icyo gihe, nyuma... Hari amezi icyenda... amezi cumi na kumwe hagati ya njye na murumuna wa njye, unkurikira, kandi yari agikambakamba. Nari mfite akabuye kanini mu kiganza, kandi nashakaga kumwereka ingano y'imbaraga nabashaga gukoresha ntera ako kabuye mu cyondo kimaze iminsi, ahantu isoko yari yarashokeye iva mu butaka kandi yari yarahinduye ubutaka icyondo. Numvise inyoni yaririmbaga hejuru mu giti. Nitegereje hejuru, mu giti, nuko inyoni yaragarutse; Kandi, icyo gihe, Ijwi ryavuganye na njye.

Rero, nziko mvugaga ko ntabasha nshakashatse mu bitekerezo bya njye kwibuka ibyo. Ariko Umwami Imana, ari We Mucamanza w'isi n'Ijuru, n'uw'ibiriho byose, Azi ko mvugaga ukuri.

38 Igihe iyo nyoni yagurutse, Ijwi ryaturutse aho hantu aho iyo nyoni yari iri mu giti, risa n'umuyaga mu gihuru, kandi Ryaravuze, riti "Uzaba hafi y'umugi witwa New Albany." Kandi nabaye, kuva ndi mu kigero cy'imyaka itatu kugeza ubu, kuri mayilo zitagera kuri eshatu [4,8 km] uvuye i New Albany, muri Indiana.

Nasubiye mu rugo kandi nabibwiye mama umbyara. Rwose yatekereje ko naba gusa narose cyangwa ikintu runaka nk'icyo.

Nyuma y'aho, twimukiye muri Indiana, nuko papa yagiye gukorera umuntu, M.Wathen, umugabo w'umukire. Nyiringanda zikora wisiki Wathen. Kandi yari afite imigabane myinshi; ni umutunzi wa za miliyoni nyinshi, na none akaba umutware w'abatunzi b'abanyabikingi b'i Louisville, na - n' [ikipe ya] "baseball," n'ibindi. Rero, twabaga bugufi bw'aho. Kandi papa yari umuntu w'umukene, ariko nyamara, ntiyashoboraga kureka kunywa inzoga, icyo gihe we - yatangiye gukora kanyanga aho batekera kanyanga.

Kandi icyo gihe, nabonye ibikomere kubera ibyo, kubera ko ni njye wari mukuru mu bana. Nagombaga kujya kuvoma amazi kandi nkayajyana nkayageza aho hantu batekeraga kanyanga, kugira ngo impombo zigumye gukonja igihe batetse kanyanga. Nyuma, yatangiye kuyicuruza, icyo gihe yagize aho batekera kanyanga habiri cyangwa hatatu. Rero, n'icyo gice ntajya nifuzza kuvugaho, ariko [rwose] ni ukuri.

39 Kandi ndibuka ko umunsi umwe, nari mvuye aho bahungira, nagendaga njya mu rugo, ndira. Ni ukubera ko, inyuma y'urugo, hari hari ikizenga cy'amazi, we... aho ni ho bamenaga ibimanyu by'urubura icyo gihe. Benshi muri mwe baribuka igihe bamenaguraga ibisate by'urubura, kandi babishyiraga mu bisigazwa by'ibarizo. Rwose ni kuri ubwo buryo M.Wathen, yabikaga ibisate by'urubura, aho muri ako gace. Kandi papa yari umushoferi we bwite. Kandi igihe i- Icyo kizenga cy'amazi cyari cyuzuye amafi. Nuko igihe abantu bajyaga kumenagura ibisate by'urubura, barabizana kandi babishyiraga mu bisigazwa by'ibarizo, hanyuma, igihe ibisate by'urubura byashongaga, mu mpeshyi, uko byagendaga bishongaga, yabaga ari meza bihagije, ndatekereza, yabaga ari menshi kimwe n'amazi y'urubura yo mu kiyaga, icyo gihe bashoboraga kuyakoresha, atari kubwo kuyanywa, ahubwo kugira ngo bakonjeshe amazi, kugira ngo bayazengurutse indobo za bo, n'amata ya bo, n'ibindi byose.

40 Umunsi umwe, nari njyanye amazi, mvuye ku ivomo, aho, ryari riri mu ntera hafi y'intambwe imwe uvuye mu rugo. Narariraga mboroga mfite umugambi wo kumvisha abatarashaka kubyumva, kubera ko nari navuye ku ishuri, kandi abana b'abahungu bose bari bagiye kuroba mu kizenga cy'amazi. Nakundaga cyane kuroba. Icyo gihe, bari babashije bose kujya kuroba, usibye njye; kandi njye, nagombaga gutwara amazi aho hantu batekeraga kanyanga. Birumvikana, oh! Ntibyari ngombwa kurevura ijamba, cyari igihe byari bibujijwe. Kandi njyewe... Cyari muby'ukuri ikigerageze gikomere. Kandi ndibuka ko igihe kimwe mu kunyura aho, nari mfite ino ryabyimbye bitewe no gusitara, kandi nari nahambirijeho imisatsi y'ikigori muni kugira ngo ndirinde umukungugu. Mwigeze gukora ibyo? Rwose gushyira imisatsi y'ikigori muni y'ino, gutya, kandi mukazengurutsaho akagozi. Ukoresheje ibyo, ino ryanyu rireba hejuru, rikenda kumera nk'umutwe w'akanyamasyo, rwose keguye umutwe. Wajyaga kubasha kunkurikira ukurikiranye inkora ahantu hose najyaga, n'icyo gipfuko cy'umusatsi y'ikigori muni y'ino ryanjye, ahantu nari nasitaye, murabizi. Sinari mfite inkweto zo kwambara. Icyo gihe, ntitwambaraga na rimwe inkweto, rimwe na rimwe mu gihe cy'imbeho. Kandi niba tuzambaye, twebyewe... zari gusa izo twabashaga gutoragura, zo umuntu yaduhaga. N'imyambaro, yabaga ari iyo umuntu, ikigo cy'abagiraneza baduhaga.

41 Nahagaze muni y'icyo giti, kandi nari nicaye aho, ndira mboroga (byari muri Nzeri) kubera ko nashakaga kujya kuroba. Byasabaga ko nuzuzwa imivure myinshi amazi mvomesha utudobo duto tuzamo ibisigazwa by'isukari hafi tureshya dutya, twa litiro ebyiri [litiro 2]; kubw'ibyo, nari nkiri akana gato k'agahungu gafite hafi imyaka irindwi. Nadusukaga mu muvure munini, hanyuma nasubiragaye kuzana na none utundi tudobo tubiri kandi naragarukaga, nayavomaga ku ruhombi. Ni yo mazi twari dufite. Iryo joro, bari bagiye guteka umuvure wa kanyanga ituruka mu bigori, abo bantu na papa, mu rugo.

42 Nuko narariraga, kandi uwo mwanya numvise ikintu runaka gitera urusaku, rusa n'urw'inkubi y'umuyaga wa serwakira, ikintu runaka nk'icyo (rwose, ndizera ko atari ibintu bikomere cyane), cyavugaga gutya: Wuuushii... wuuushi..." rwose urusaku nk'urwo. Rwose, hari hatuje cyane, nuko nitegereje impande zanjye zose. Kandi muzi icyo ari cyo, serwakira nto, ndatekereza ko ibyo mubyita umuyaga w'inkubi wa serwakira, si ko biri? Mu muhindo, mu mirima y'ibigori, murabizi, uhuha ibibazi n'ibindi byose; mu muhindo, aho, igihe ibibabi bitangiye guhindura ibara. Nari muni y'umulebuni w'umwera w'inganzamarumbo wari uri hafi mu cya kabiri hagati y'ubuhunikiro no mu rugo. Nuko numvise urwo rusaku. Nitegereje impande zanjye zose, hari hatuje rwose kimwe no muri iki cyumba. Nta kibabi na kimwe cyanyeganyegaga ahantu aho ari ho hose, haba na busa. Nuko naribwiye, nti "Iri jwi ry'urusaku riraturuka he?" Rwose naratekereje, nti "Ibyo bigomba kuba biri kure y'aha." Nari nkiri akana gato k'agahungu. Kandi ibyo byarushagaho kugenda birangurura cyane.

43 Narongeye mfata utudobo twa njye, narongeye ntera urusaku kabiri cyangwa gatatu, nafashe inzira kugira ngo nongere nzamuke akayira; nari nduhutse. Nari maze kurengaho gusa metero nke uvuye aho, mvuye muni y'amashami y'icyo giti kinini, kandi, oh! Ra ra! Urusaku rw'umuyaga wa serwakira rwarumvikanye. Narongeye ndagaruka kugira ngo nitegereze, kandi hafi mu cya kabiri cy'uburebure bw'icyo giti, hari hari undi muyaga wa serwakira, muri icyo giti; wahuhaga uzenguruka, kandi warazengurukaga, uhuha cyane ibibabi. Rwose, ntacyo nahabonye kidasanzwe, kubera ko muri icyo gihe cy'umwaka, mu muhindo, rwose, imiyaga ya serwakira nk'iyi ibaho. Izo ntoya... Iyo tuyita "imiyaga ya

serwakira." Kandi iyo na yo izamura umukungugu. Mwabonye ibimeze nk'ibyo mu butayu. Ni cyo kimwe. icyo, gihe naritegerezaga, ariko iyo yo ntiyagendaga. Ubusanzwe, ni nk'inkubi y'umuyaga imara akanya gato, hanyuma ikagenda, ariko ibyo byari bimaze iminota ibiri cyangwa irenga birimo kubaho.

44 Nuko, narongeye mfata inzira ndagenda. Nuko narongeye ndagaruka kugira ngo nitegereze ibyo. Kandi icyo gihe, Ijwi ry'umuntu, rwose ryumvikana nk'irya njye, ryaravuze, riti "Ntuzanywe inzoga na rimwe, ntuzanywe itabi na rimwe, kandi ntuzanduze umubiri wa we uburyo ubwo ari bwo bwose. Uzagira umurimo uzakora igihe uzaba ukuze." Rwose ibyo byanteye ubwoba bwinshi bikabije! Mubasha gutekereza uburyo akana gato k'agahungu kabashaga kumva kameze. Nakubise hasi utwo tudobo. Nuko nahise mpunga niruka cyane kugira ngo nsubire mu rugo, ntera urusaku ku buryo bukabije.

45 Hari hari inshira z'ikigina kibengerana muri ako gace, inzoka, kandi zifite ubushabwe cyane. Mana yatekereje ko mu kunyura hafi y'umurima ko bishoboka ko naba nakandagiye inshira y'ikigina kibengerana, nuko yaje yiruka ngo ansanganire. Ninaze mu maboko ye, ntera hejuru n'ijwi riranga ndira, mufata kandi mugwamo wese. Yaravuze, ati "Ni iki ubaye? Warumwe n'inzoka?" Yandebye ahantu hose.

Naravuze, nti "Oya, mama! Hari umuntu muri kiriya giti, hariya."

Yaravuze, ati "Yoo! Billy, Billy! Reka kuvuga ibyo ubonye byose!" Yaravuze, ati "Mbese wahagaze hanyuma urasinzira?"

Naravuze, nti "Oya, mama! Hari umuntu muri kiriya giti, kandi Yambwiye ngo sinzanywe inzoga kandi ngo sinzanywe itabi."

46 "Kunywa kanyanga [wisiki] ndetse - n'ibindi byose." Kandi njye, nari ndimo kuzana amazi ahantu batekera inzoga itemewe n'amategeko rwose icyo gihe. Kandi Yaravuze, ati "Ntuzanywe inzoga na rimwe, kandi ntuzanduze umubiri wa we ku buryo ubwo ari bwo bwose." Ibyo, bifatanye isano n'imyifatire mibi, murabizi, kandi mu but-... bwa njye... imibereho ya njye ya gisore n'abakobwa b'inkumi. Kandi, uko mbizi, sinigeze na rimwe ngira icyo ndegwa, nta nshuro n'imwe. Umwami yaramfashije muri ibyo bintu, nk'uko muzagenda mubibona mu nkuru za njye. Kandi, rero, ati "Ntuzanywe inzoga, ntuzanywe itabi, kandi ntuzanduze umubiri wa we, kuko uzagira umurimo uzakora igihe uzaba ukuze."

Nuko, natekerereje ibyo mama, kandi na we rwose yaransetse. Kandi nari muby'ukuri nahungabanye mu bitekerezo. Yahamagaye umuganga, kandi umuganga yaravuze, ati "Rwose, ntatuje mu mutwe, ni ibyo gusa." Nuko, yarandyamishije. Kandi sinongeye na rimwe, kuva uwo muni, sinongeye na rimwe kunyura hafi y'icyo giti. . Nari mfite ubwoba. Nanyuraga ku rundi ruhande rw'umurima, kubera ko natekerezaga ko hari hari umuntu muri icyo giti, kandi Yambwizaga, iryo Jwi ry'igikabwe ryari ryavuze.

47 Nuko, hafi ukwezi kumwe nyuma y'aho, nakinaga biye hanze, na barumuna ba njye, mu mbuga y'imbere. Uwo mwanya, numvise ikintu kidasanzwe muri njye. Narahagaze kandi nicaye bugufi bw'igiti. Twari turi ku nkombe, hafi y'umugezi Ohio. Nitegereje nerekeje mu cyerekezo cy'i Jeffersonville, nuko nabonye ikiraro kizamutse kandi kigenda kikagera ku rundi ruhande rw'uwo... mugezi, rukambuka umugezi. Kandi nabonye abagabo cumi na batandatu (narababaze) bagwa aho, kandi bapfira, kuri urwo rutindo. Narirutse nihuta njya kubibwira mama, kandi yatekereje ko nari nsinziriye. Ariko ntibabyibagiwe, kandi imyaka makumyabiri n'ibiri nyuma y'aho, ikiraro cy'akarere kiri aho uyu muni (cyo benshi muri mwe bambuka, igihe mwambuka aho.) cyaguye mu mugezi aho hantu, kandi abantu cumi na batandatu babuze ubuzima bubaka icyo kiraro hejuru y'amazi.

Ibyo ntibyigeze na rimwe bibura kutaba iby'ukuri rwose neza neza uko byakabaye. Ibyo mubona aha mu cyumba, ni gutyo igihe cyose byabayeho.

48 Rero, batekereje ko nari ntatuje mu mutwe. Kandi ndi umuntu udatuje mu mutwe, ibyo ni iby'ukuri. Kandi niba mwarigeze kwitegereza, abantu bafite - bafite imyifatire yo kuba abanyamwuka ni abantu badatuje mu mutwe.

Nimurebe abasizi n'abahanuzi. Nimurebe William Cowper, wahimbye ya ndirimbo y'ikimenywa bose, igira, iti "Hari Isoko yuzuye Amaraso yavuye mu mitsi ya Emanuweli. Mwigeze... Muzi iyo ndirimbo. Nta gihe kirekire gishize, nahagaze hafi y'imva ye. Mwene Data Julius, natekereza, sinzi niba, oya... ni byo, ni ko biri, yari ari kumwe na twe aho, ku mva ye. Kandi - rero aho, nyuma y'uko yanditse iyo ndirimbo, ugusigwa kwamuvuyeho, yagerageje gushakisha u-uruzi, kugira ngo yiyahure. Murabona, Umwuka wari wamuvuyeho. Kandi abantu nk'abasizi n'abanditsi, na... cyangwa, atari... ndashaka kuvuga, abahanuzi.

49 Murebe Eliya, igihe yari ahagaze ku musozi kandi yari yamanuye umuriro uva mu Ijuru, anamanura imvura iva mu kirere. Hanyuma, igihe Umwuka wamuvuyeho, yarahunze atinya umugore. Kandi Imana yamusanze yahungiyeho hasi mu buvumo, iminsi mirongo ine nyuma y'aho.

Murebe Yona, yari afite ugusigwa gukomeye, igihe Umwami Yamusigiye kubwiriza hariya i Nenewe, ku buryo u-umugi ungana na Saint Louis wihanyeye ukambara ibigunira. Kandi hanyuma, igihe Umwuka yamuvuyeho, ni iki cyamubayeho? Nyuma y'uko Umwuka Amuvuyeho, tumubona ku musozi asenga Imana



ngo Itware ubugingo bwe. Murabona, ni ugusigwa. Kandi igihe ibyo bintu bibaho, ibyo - bigira icyo bikora kuri mwe.

50 Na none, ndibuka, narakuze, kandi nabaye umusore (Ngiye kwihuta kugira ngo nsoze nyuma y'akanya gato.) Igihe nabaye umusore, nari mfite ibitekerezo nk'iby'abasore bose. Njyewe... ngiye ku ishuri, nahuye n'abakobwa b'inkumi. Murabizi, nari umuntu w'amagambo make cyane, murabizi. Kandi njyewe - nashoje mbonye umukobwa muto w'inshuti, kimwe n'abahungu bose, mu myaka nka cumi n'itanu, ndatekereza. Kandi rero, oh! Yari mwiza. Oh! Ra ra! Yari afite amaso y'inuma, kandi yari afite amenyo ameze nk'imaragarita n'ijosi nk'iry'intama y'uruzi [inyoni], kandi we - mu by'ukuri yari ihogoza.

51 Kandi undi muhungu, we... twari inshuti z'urungano, icyo gihe yafashe Ford ya kera y'umuderi T ya se, kandi twahanye gahunda n'utwo dukobwa tw'inshuti. Twari tugiye gusohokana na bo mu modoka. Twari dufite amafaranga ahagije yo kugura amagalo abiri ya lisansi [litiro 8]. Byasabaga guhagurutsa ipine y'innyuma y'imodoka kugira ngo uyatse ukoresheje urufunguzo rwa manuvele (sinzi niba mubyibuka, murabizi,) kugira ngo uyatse ukoresheje urufunguzo rwa manuvele. Ariko, ibyo - byagendaga neza bihagije kuri twe.

Kandi icyo gihe, nari mfite ibiceri bike by'amasantimu atanu mu mufuka wa njye, nuko twahagaze ku karesitora gato kugira ngo dufate... twashoboraga kugura umugati wa sanduwici urimo inyama ku masantimu atanu. Kandi kubw'ibyo, oh! Nari umukire, nashoboraga kugura enye! Murabona? Nuko, nyuma y'uko turiye sanduwici no kungwa coca-cola, nagiyeye gusubiza amacupa. Nuko, bintunguye, igihe nongeye gusohoka (abagore bari batangiye guhabwa uburenganzira icyo gihe, cyangwa ahubwo, igitsina gore), akanuma kanjye kanywaga itabi [isigara].

52 Rwose, igihe cyose nari mfite uko mfata mugore unywa itabi [isigara], kandi rwose sinahinduye icyo gitekerezo kuva icyo gihe. Ni iby'ukuri. Ni ikintu cy'urukozasoni kurusha ibindi yabasha gukora. Kandi rwose ni ko biri. Kandi njyewe - natekereje ko njyewe... None, ikigo gikora itabi cyabasha kunkurikirana kuri ibyo, Ariko, ndabibabwiye, rwose ni umugambi wateguwe n'umubi. Ni cyo kintu cyica kurusha ibindi kandi kibangamiye bikomeye abantu kurusha ibindi muri iki gihugu. Nahitamo ko umuhungu wa njye yaba umusinzi aho kuba umunywi w'itabi. Ni ukuri. Nahitamo kubona umufasha wa njye arambaraye hasi, yasinze, aho kumubonana itabi [isigara]. Ngicyo icyo...

53 Nyamara, uwo Mwuka w'Imana Uri kumwe na njye, niba rwose ari Umwuka w'Imana (mubasha kubihakana), mwebwe abanywa itabi [isigara], mfite amahirwe make yo kubyikuramo igihe muzagera aho, kubera ko ibyo... igihe cyose. Murabona, ku ruhimi imbere, uburyo Acyaha ibyo. Ni ikintu giteye ubwoba. Ntimukabikoreho. Abadamu, niba mwarigeze kugibwaho n'urubanza rw'ibyo, ndabinginze, mu Izina rya Kristo, ntimuzongere kubikoraho ukundi! Ibyo birabamunga. Ibyo bizabica. Ibyo biza... Ni i... ni inzira ya kanseri.

Abaganga bagerageza kuribarinda. Kandi na none kubona uburyo babagurisha icyo gicuruzwa kibi! Muramutse mugiyeye kuri farumasi kandi mukavuga, muti "Kugura... ndifuzaga kugura kanseri ku masantimu mirongo itanu." Rwose, bashyira abo bantu mu nzu y'imbohe. Ariko igihe muguze itabi ku masantimu mirongo itanu, muba muguze ikintu nk'icyo. Ni cyo abaganga bavugaga. Oh! Iki gihugu gifite inyota y'amafaranga. Mbega ishyano! Ibyo birica! Ibyo byaragaragajwe.

54 Rwose, igihe nabonye uwo mukobwa w'inkumi mwiza wishyiraga hejuru, n'isigara mu ntoki, nabaye hafi yo kwica n'ibyo, kubera ko natekerezagaga muby'ukuri ko nari namukunze. Nuko naribwiye, nti "Rwose..."

Rero, bamfata nk'umuntu urwanyaga abagore, murabizi, kubera ko igihe cyose nsa nurwanyaga abagore, ariko sindwanyaga mwebwe, bashiki bacu. Gusa ndwanyaga uburyo abagore b'iki gihe bitwara. Ni iby'ukuri. Abagore bifashe neza, twakagombye kubashyigikira.

55 Ariko, ndacyabyibuka, igihe aho bateka kanyanga ha papa habaga hakora, aho, byasabaga ko njyayo njyanye amazi n'ibindi byose; kandi kubona abakobwa b'udukumi babaga batarengeje imyaka cumi n'irindwi, cumi n'umunani, bari aho, bari kumwe n'abagabo bari mu kigero nk'icyo mfite ubu, basinze. Kandi bagombaga kubasindura maze bakabaha ikawa yirabura, kugira ngo batahe mu rugo gutegura ifunguro rya nimugoroba ry'abagabo ba bo. Oh! Ikintu nk'icyo naravugaga, nti "Njyewe..." Dore icyo nabivugagaho icyo gihe, nti "Ntibakwiri isasu rimwe kuri bo ryabica." Ni iby'ukuri. Nangaga abagore. Ni iby'ukuri. Kandi ni ngombwa muby'ukuri ko ngenzura ibyo nkora byose ubu, kugira ngo nifate ngo ntongera gutekereza ibintu nk'ibyo.

56 Rero, nyamara, rwose, umugore mwiza ni umutako ku ikamba ry'umugabo. Twakagombye kumwubaha. We... Mama umbyara ni umugore, umufasha wa njye ni we, kandi ni beza bihebuje. Kandi mfite bashiki ba njye b'abakristu, abo mbafitiye icyubahiro gikomeye. Ariko niba - niba babasha kubaha icyo Imana Yabagize cyo, kuba umumama ubyara n'umwamikazi nyakuri, ibyo, ni byiza. Ni kimwe mu bintu byiza bihebuje kurusha ibindi Imana yabashije guha umuntu[umugabo]: umufasha. Usibye agakiza, umugore ni cyo kintu cyiza bihebuje kurusha ibindi, iyo ari umugore mwiza. Ariko, niba atariko ameze, Salomo

yaravuze, ati "Umugore mwiza ni umurimbo ku ikamba ry'umugabo we, Ariko u- umugore mubi cyangwa mwiza udafite icyo amaze, ni amazi mu maraso ye." Kandi n'iby'ukuri, ni cyo kintu kibi kurusha ibindi cyabasha kubaho. Kubw'ibyo rero, umugore mwiza... Niba mufite umugore mwiza, mwene Data, mwakagombye kumwubaha ku rwego rwo hejuru. Ni iby'ukuri, mwakagombye kubikora. Umugore nyawe! Kandi abana, niba mufite mama ubabyara uba uri mu rugo, kandi akagerageza kubitaho, agatunganya imyambaro ya nyu, akabitaho akabohereza ku ishuri, akabigisha ibyerekeye Yesu, muzagomba kubaha uwo mu mama mwiza mu kubaho kwa nyu kose. Muzagomba kubaha uwo mugore, birumvikana, kubera ko ari umubyeyi nyakuri.

57 Bavuga ibyerekeye ubujiji bw'abantu bo mu misozi ya Kentucky. Ubona ibyo wifashishije izo nkuru za Dogpatch, aho. Bamwe muri abo bamama bazuze babasha kuva iyo bakaza hano i Hollywood kugira ngo babigishe mwebwe, abamama b'iki gihe, kurera abana banyu. Umwana wa we atahe mu rugo ijoro rimwe, imisatsi rwose ijwagaraye, n'iminwa... inyerera (iby'o mubyita gute?) ibintu by'ubwoko bw'amarangi bishyiraho mu maso, kandi ikanzu ye rwose yipfunyapfunye ku ruhande, nyuma yo kumara ijoro ryose iyo hanze, yasinze; azaca umunyafu mu bushorishori bwa "hickory," [igiti] kandi uwo mukobwa ntazongera gusohoka na rimwe. Ndabibabwiye, we... kandi iyaba mwari mufite akantu gake karenze kuri ibyo, mwajyaga kuba mufite Hollywood nziza kurushaho hano, n'igihugu cyiza kurushaho. Ni ko biri. Ni iby'ukuri. "Ni mube rero umuntu ugezweho," ibyo - ibyo, ni uburiganya bwa satani.

58 Rwose, uwo mukobwa w'inkumi igihe namwitegereje umutima wa njye muby'ukuri warashengutse. Naribwiye, nti "Mbega agakobwa k'inshuti ko kubabarirwa!"

Yaravuze, ati "Urashaka isigara Billy?"

Naravuze, nti "Oya, muko." Naravuze, nti "Sinywa itabi."

Yaravuze, ati « None, wavuze ko utajya ubyina. » Bashakaga ko tujya muri bare y'urubyiniro, kandi njyewe sinabishakaga. Rero, bavugaga ko hari hari bare y'urubyiniro, ahantu hitwa « Parc du Sycomore. »

Nuko naravuze, nti « Oya, sinjya mbyina. »

Yaravuze, ati « None, ntubyina, ntunywa itabi, ntunywa inzoga. Ni iki ukora kugira ngo wishimishye? »

Naravuze, nti « Rwose, nkunda kuroba kandi ngakunda guhiga. » Ibyo ntibyari biri mu bimushimishaga.

Nuko yaravuze, ati « Akira iyi sigara. »

Naravuze, nti « Oya, muko; urakoze. Sinywa itabi. »

59 Kandi nari mpagaze ku gice cy'inyubako. Hari hari urubaho bifashisha bagenderaho kuri za Ford zikuze, murabyibuka, kandi nari mpagaze kuri icyo gice cy'inyubako, twari twicaye ku gakuta inyuma, we na njye. Kandi yaravuze, ati « Urashaka kuvuga ko utari bunywe isigara? » Yaravuze, ati « Twebwe, abakobwa, dufite ubushizi bw'amanga bwo kudatinyana kukurusha. »

Naravuze, nti « Oya, muko, sintekereza ko nakwifuzaga gukora ibyo. »

Yaravuze, ati « Rwose, umuntu w'inkoko nini yanyagiwe! » Oh ! Ra ra! Njyewe, sinifuzaga kuba Bill ugoye cyane, mu gihe njyewe - sinifuzaga rwose kugira aho mpurira n'inkoko yanyagiwe. Murabona, nifuzaga kuba umuteramakofe w'umwuga, izo ni zo zari inzozo z'imibereho ya njye. Rero, naravuze, nti... « Inkoko yanyagiwe! Inkoko yanyagiwe ! »

60 Sinashoboraga kwihanganira ibyo, nuko, naravuze, nti « Yimpereze! » Nateze ikiganza, naribwiraga, nti « Ngiye kumwereka, njyewe, niba ndi inkoko yanyagiwe cyangwa ntari yo. » Nafashe iyo sigara kandi natangiye gukuba ikibiriti. None nzi ko mwebwe - Nyamara, ntacyo nitaye ku byo mutekereza; inshingano ya njye, rwose ni ukuvuga ukuri. Igihe natangiye gukomeza iyo sigara (rwose nari niyemeje kuyinywa nk'uko ari ko meze kubwo gufata iyi Bibiliya, murabona), numvise ikintu runaka cyagiraga ngo « Wuusssh ! » Narongeye ndabigerageza, sinabashaga kurishyira ku munwa wa njye. Natangiye kurira, nayijugunye hasi. Batangiye kunseka. Kandi nasubiye mu rugo n'amaguru, nyura mu mirima, nagumye kwicara aho, ndira. Kandi - rero ibyo byari ubuzima buteye ubwoba.

61 Ndibuka, umunsi umwe, papa yari agiye ku mugezi n'abahungu. Umuhungu tuva inda imwe na njye, byasabaga ko dutira ubwato maze tugatembera uko umugezi ugiye, dushaka amacupa yo gushyiramo kanyanga. Twari twishyuwe amasantimu magana atanu iduzeni, ngo tuyatoragure ku nkombe y'umugezi hose. Papa yari kumwe na njye, kandi yari afite kamwe mu ducupa twe. Ntekereza ko twajyamo hafi kimwe cya kane cy'ilitiro. Igiti cyari cyagushijwe n'umuyaga, kandi papa... Hari hari uwo mugabo hamwe na we, M.Dornbush. Nari mfite... Ye... Yari afite ubwato bwiza, kandi nashakaga kumugusha neza, kubera ko nashakaga gukoresha ubwo bwato. Ubwo ngubwo bwari bufite igice kiyobora cyiza mu gihe ubwa njye butari bufite igice kiyobora na mba. Icyo twari dufite gusa cyari imbaho zashaje zo kugashya. Kandi iyo

aza kunyemerera nkakoresha ubwo bwato... icyo gihe, yakoraga ubusuderi, kandi yari yarakoreye ibyo gutamo kanyanga. icyo gihe we... Bicaye kuri icyo giti, nuko papa yakuye mu mufuka we w'inyuma agacupa gato ka kanyanga, yarakamuhereje nuko uwo mugabo yasomyeho intama nto; nuko yateretse ku gishibu gito cyari cyarashibutse ku ruhanda rw'igiti.

M.Dornbush yaragafashe kandi yaravuze, ati "Akira, Billy."

Naravuze, nti "Oya murakoze, sinywa inzoga."

Yaravuze, ati « Umu 'Branham' utanywa inzoga ? » Bose uko bakabaye bapfanye inkweto za « bottes » mu birenge. » Yaravuze, ati "Umu 'Branham' utanywa inzoga?"

Naravuze, nti "Oya, oya."

"Oya, ni ko papa yavuze, nareze inkoko yanyagiwe."

62 Papa umbyara yanyitaga inkoko yanyagiwe! Naravuze, nti "Nimumpereze iryo cupa!" Nakuyeho umupfundikizo, rwose niyemeje kunywa iyo nzoga, kandi, uko nazamuraga icupa: "Wuuusss!" Nabasubije icupa, amaguru nayabangiye ingata, naragiye nyura mu mirima, ndira. Ikintu runaka nticyashakaga kunyemerera ngo nkore ibyo. Murabona? Sinabasha kuvuga ko hari hari ikintu icyo ari cyo cyose cyiza muri njye (njyewe, nabaga rwose niyemeje gukora ibyo), ariko ni Imana, ubuntu, ubuntu butangaje, ni bwo bwambujije gukora ibyo bintu. Njyewe, nabaga nshaka kubikora, Ariko ni We wabaga adashaka kundeka ngo mbikore.

63 Nyuma y'aho, nabonye umukobwa w'inkumi, igihe nari mfite hafi imyaka makumyabiri n'ibiri; yari mwiza cyane. Yari umukobwa w'inkumi wazaga buri gihe ku rusengero, umukobwa w'Umuluteliyani y'Abadage. Izina rye ryari Brumbach, B-r-u-m-b-a-c-h, rituruka ku izina Brumbaugh. Kandi yari umukobwa w'inkumi w'igikundiro. Ntiyanywaga itabi, ntiyanywaga inzoga, kandi - na we ntiyabyinaga, haba na kimwe, umukobwa w'inkumi w'igikundiro. Nasohokanaga na we igihe gito, kandi njyewe... ku kigero hafi cy'imyaka makumyabiri n'ibiri, nari mfite icyo gihe amafaranga ahagije, kandi nari nariguriye Ford ikuze, kandi njyewe... twarasohokanaga. Kandi rero, icyo gihe, ntihari hari itorerero ry'Abaluteriyani hafi aho, bari barimutse baraturutse i Howard Park, iyo.

64 Kandi icyo gihe, bari... umukozi w'Imana ari we wansengeye mu Itorero ry'Ababatisita ry'Ivugabutumwa, dogiteri Roy Davis. Mushiki wacu Upshaw, ni uwo nguwo wanyohereje mwene Data Upshaw, cyangwa ahubwo wamubwiye: dogiteri Roy Davis. Kandi icyo gihe, yarabwirizaga, yari umukuru w'Itorero rya mbere ry'Ababatisita, cyangwa i-i... Sintekereza na none ko ryari Itorero rya Mbere ry'Ababatisita, cyangwa Itorero ry'Ivugabutumwa... ryitwaga Itorero ry'Ivugabutumwa ry'Ababatisita ry'i Jeffersonville. Kandi yabwirizaga aho icyo gihe, kandi twajyaga ku rusengero nimugoroba, nuko... hanyuma twaragarukaga. Sinari narigeze na rimwe nyoboka iryo torero, Ariko nakundaga kujyanayo na we. Kubw'ibyo, icyabaga kinshishikaje, byabaga ari "ukujujyana na we," nakora rwose icyo kuba umunyakuri.

65 Rero, kujyana na we, kandi, umunsi umwe, njyewe... Yari uwo mu muryango umeze neza. Kandi natangiye gutekereza, nti "Urazi, urazi, sinakagombye gufata igihe cy'uuy mukobwa. Ntabwo ari - ntabwo ari byo, kubera ko ari umukobwa umeze neza cyane, kandi njyewe, ndi umukene kandi - na njye..." Ubizima bwa papa umbyara bwari bumeze nabi, kandi njyewe - njyewe... sinari mfite uburyo na bumwe bwo kubona ibikenewe n'umukobwa nka we, wari waramenyereye kwibera mu nzu nziza ifite za tapi hasi.

66 Ndibuka itapi ya mbere nabonye, sinari nzi icyo ari cyo. Nagendaga nyinyura ku ruhanda. Nabonaga ko cyari ikintu cyiza birenze naba narigeze kubona mu buzima bwa njye. "Kubera iki bashyize ikintu nk'icyo hasi?" Yari yo tapi ya mbere nari mbonye. Yari - yari imwe muri izo... Ndatekereza ko izo zitwa "tapi ziboshye." Mbasha kwibeshya. Bijya - gusa nk' « imigwegwe, » cyangwa ikintu runaka nk'icyo, bisobekeranye, kandi yari ishashe hasi. Y'icyatsi kibisi cyiza n'umutuku, ifite ibara rinini ry'iroza hagati, murabiri. Yari nziza cyane.

67 Kandi, kubw'ibyo, ndibuka ko njyewe - nari niyemeje ko byajyaga kunsaba byaba kumusaba ko twashakana, cyangwa rwose nkigendera kugira ngo umuntu umeze neza amushake, umuntu waba umubereye, wajyaga kubasha kubona ibyo akeneye kandi wamubera mwiza. Njyewe, namubera umuntu mwiza, ariko njyewe - njye - nahembwaga gusa amasantimu makumyabiri ku isaha. Rero, sinashoboraga muby'ukuri kubona ibyo akeneye. Kandi njyewe... Hari hari umuryango wose, wagombaga kwitabwaho, kandi kubera ko papa yari afite ibibazo by'ubuzima, nagombaga kwita kuri bose; icyo gihe, nari ndi mu bihe bigoye.

68 Kubw'ibyo, naribwiraga, nti « Rwose ikintu kimwe cyo gukora, cyari ukumubwira ko njyewe ntazagaruka, rwose, kubera ko mufata nk'umuntu ukomeye cyane ku buryo namwangiriza ubuzima kandi nkaba namutesha igihe cye abanye na njye. » Kandi na none naribwiraga, nti "Iyaba habonekaga umuntu wabasha kumubera inshuti maze akamushaka, akamuha urugo rwiza. Kandi bishobotse niba njyewe,

ntafite uburyo bwo kumutwara, mbashe - nibura mbashe kumenya neza ko azaba aguwe neza.”

Kandi kubw'ibyo naribwiraga, nti “Ariko, njyewe, simbasha rwose kumureka!” Njyewe - nari merewe nabi cyane. Kandi, umunsi ku wundi, nabitekerezagaho. icyo gihe, nari umuntu w'amagambo make bikabije kugira ngo musabe ko twabana. Buri mugoroba, nafataga icyemezo, nti “Ngiye kumubaza.” Nuko igihe njyewe, euh! Ibyo mubyita ngo iki, ibitekerezo bidafata icyemezo, cyangwa ikintu runaka uba ufite muri...? Mwebwe, bene Data, bari mu iteraniriro, mwagize mwese ibintu nk'ibyo byababaye igihe runaka. Kandi icyiyumvo muri jye utamenya, nari mfite mu maso hanyokera. Njyewe-sinari mbizi. Sinashoboraga kubimubaza.

None, ndibwira ko mufite amatsiko yo kumenya uburyo nabashije gushaka. Muzi ibyo ari byo? Namwandikiye ibaruwa kandi namusabye ko twabana. Kandi icyo gihe, iye... None, ntabwo byari “Madamazela nkunda,” byasaga n'ibirushijeho (murabizi) imvugo yuje urukundo kurusha ibyo. Ntabwo byari rwose byari u- ugukunda gusanzwe, byari... Njyewe - narayitondeye nyandika ku buryo bwiza uko nari nshoboye.

69 Kandi nari mfitemo gutinya nyina. Nyina yari... ahubwo yari akaze. Kandi, nyamara ise yari umuntu ugwaneza utuje, Umuholandi w'umunyamurava, umuntu mu by'ukuri mwiza cyane. Yari umuntu ushinzwe kwinjiza abakozi b'umuhanda wagare ya moshi. Yahembwaga hafi amadolari magana atanu ku kwezi icyo gihe. Kandi njyewe wahembwaga amasantimu makumyabiri ku isaha, gushaka umukobwa we, yuu! Nari nziko ibyo bitajyaga gushoboka na rimwe. Kandi nyina ku buryo bukabije yari... Rwose, ni umudamu w'umunyamurava. Kandi we - ahubwo yari umwe muri ba bagore bo mu rwego rwo hejuru, murabizi, kandi yasaga n'umuntu wishyira mu rwego rwo hejuru, murabizi, rero, ntacyo yari afite kuvugana na njye, uko byamera kose. Nari nkiri umuhungu uciye bugufi “Sassafras” [igiti cyo muri Amerika ya ruguru gifite imizi ihumura neza cyane.- usobanura.], w'umunyacyaro, kandi yabonaga Hope yakagombye gusohokana n'umuhungu wo mu rwego rusa n'urwisumbuyeho, kandi njyewe - njye - ndatekereza ko yari afite ukuri. Kandi rero... Ariko njyewe - ntabwo ari byo natekerezeza icyo gihe.

70 Nuko, naribwiye, nti “Rwose, noneho, sinzi uko byagenda. Njyewe - sinabasha kubibaza se, kandi uko biri kose njyewe - sindi bubibaze nyina. Kubw'ibyo, ngomba kubimwibariza ubwe.” Nuko, nanditse ibaruwa. Kandi, icyo gitondo, njya ku kazi, nayisesetse mu gasanduku k'amabaruwa. Kuriye [Courrier]... Twagombaga kujya ku rusengeru kuwa gatatu nimugoroba, kandi byari kuwa mbere mugitondo. Umunsi wose wo kucyumweru, nari nagerageje kumubwira ko nifuzaga gushaka, Ariko sinashoboraga kugira ubushizi bw'amanga buhagije.

Kandi kubw'ibyo, nayisesetse mu gasanduku k'amabaruwa. Nuko, ndi mu kazi, uwo mwanya igitekerezo cyanjemo, kiti “None ya baruwa iramutse igeze mu biganza bya nyina?” Oh! Ra ra! Bigenze bityo, nari nzi ko ibya njye byaba birangiye, niba - aramutse ayibonye, kubera ko nta bintu bikomeye yari anziho. Rwose, numvaga nkitse intege.

71 Kuwa gatatu nimugoroba, igihe nahageze, oh! Ra ra! Naribwiye, nti “Ni buryo ki ngiye gukora kugira ngo nge ku iposita? Niba nyina yarabonye ya baruwa, mu by'ukuri aribuntize kimwe cya kane cy'isaha antonganya! Rero, nizeye ko ari we wayakiriye. Nari nayandikiye “Hope.” Ni uko yitwaga: Hope. Rero, nari nibwiye, nti “Ngiye rwose kuyohereza Hope. Kandi icyo gihe... Natekerezeza ko byashobokaga ko yaba atarabonye.”

Icyo gihe, rwose nari naramenyeshajwe neza hakiri kare ku bwo kudahagarara hanze kandi ngo mvuze ihoni kugira ngo asohoke. Oh! Ra ra! Kandi umuhungu wese udashiritse ubwoba bihagije kugira ngo agende agere ku irembo ry'urugo kandi ngo akomange kugira ngo asabe umukobwa ntabwo yakagombye ndetse gusohokana na we, uko biri kose. Rwose ni ko biri. Mu by'ukuri ni ibintu bisekeje, ibyo, ni ibintu bitumvikana.

72 Nuko icyo gihe, nahagaritse Ford yanjye ikuze, murabizi, kandi rwose nari narayihinduye nshya. Nuko icyo gihe, naragiye ngera ku irembo kandi narakomanze. Imbabazi. Ayi ibambe! Ni nyina waje ku irembo! Ni ibintu bigoye niba nabasha kongera kubona akuka, naravuze, nti “Mura ... mura... muraho, Mme Brumbach.” Ni byo.

Yaravuze, ati “Uraho, William.”

Naribwiye, nti “Yoo - yoo, 'William!’”

Kandi - na none yaravuze, ati “Urifuza kwinjira?”

Naravuze, nti “Murakoze.” Narinjiye. Naravuze, nti “Ese Hope araba yiteguye mu kanya ?”

Kandi rwose icyo gihe, Hope aba nguwo araje aza asimbukasimbuka mu nzu, rwose umukobwa w'inkumi ufite hafi imyaka cumi n'itandatu. Kandi yaravuze, ati “Uraho, Billy!”

Naravuze, nti “Uraho, Hope.” Naravuze, nti “Mu kanya witeguye kujya ku rusengeru? »

Yaravuze, ati « Rwose umunota umwe. »

Naravuze, nti « Oh! Ra ra ! Ntabwo yayibonye. Ntabwo yayibonye. Ntacyo bitwaye, ntacyo bitwaye, ntacyo bitwaye. Na Hope na we ntiyayibonye, rero nta kibazo kiribubeho, kubera ko yajyaga kuba yabingaragarije. » Rero, numvaga rwose merewe neza.

73 Nuko, igihe nageze ku rusengeru, igitekerezo cyanjemo, kiti « None, yaba yarayibonye ? » Murabona ? Sinumvaga icyo Dogiteri Davis yavugaga. Njyewe - nakubitaga akajisho kuri we, kandi naribwiraga, nti « Ni byo, birashoboka ko ategereje, gusa, kandi igihe ndibusohoke hano, mu by'ukuri ari buntonganye kubwo kuba naramubajije ibyo. » Kandi sinumvaga icyo mwene Data Davis yavugaga. Kandi na none nakubitaga akajisho kuri we, kandi naribwiraga, nti « Oh ! Ra ra! Sinabasha kwihanganira kumureka, Ariko... Kandi njyewe - njyewe... biraza gusaba ko ngera ku ntego, ibyo, ni ko biri rwose.!

Nuko, nyuma y'iteraniriro, twatangiyeye kumanuka umuhanda turi hamwe, kugira ngo dusubire imuhira, nuko- na none, rero, twagiye twerekeje kuri Ford ikuze. Mu nzira tugenda, rero, hari hari umucyo ugaragara w'ukwezi, murabizi, nakubitaga akajisho kuri we, nkasanga ari mwiza cyane. Oh! Ra ra! Naramwitegerezaga, kandi naribwiraga, nti "Oh! Mbega uburyo nifuzaga ko yaba uwa njye, Ariko ndatekereza ko ntajyaga kubimenya."

74 Nuko icyo gihe, nakomezaga kugenda buhoro, murabizi, kandi narongeye ndamwitegereza. Naravuze, nti "Bite - urumva umeze ute kuri uyu mugoroba?"

Yaravuze, ati "Oh! Meze neza bitangaje. »

Twahagaritse Ford ikuze, nuko twaramanutse, murabizi, ku ruhande, twakase ikona, twaragiye tugera ku rugo rwabo. Naramuherekeje ngera ku irembo. Naribwiye, nti « Urazi, ntiyigeze na rimwe abona ibaruwa birashoboka, rero naba nkoze neza rwose nibagiye ibyo. Nzagira ikindi cyumweru cyo kutongera kubitekerezaho, uko biri kose. » Nuko, natangiye kumva meze neza rwose.

Yaravuze, ati « Billy ? »

Naravuze, nti « Karame. »

Yaravuze, ati « Nabonye ibaruwa yawe. » Oh! Ra ra !

Naravuze, nti « Warayibonye ? »

Yaravuze, nti « Yego, ni byo. » Rwose, yarikomereje aragenda, ntiyavuze irindi jambo na rimwe.

Naribwiye, nti "Mugore, mbwira ikintu runaka. Ndeka nigendere, cyangwa umbwire icyo ubitekerezaho." Naravuze, nti "Iyo urayifite - warayisomye?"

Yaravuze, ati "Yego, ni byo."

Oh! Ra ra! Muzi uburyo umugore abasha kugushyira mu gihirahiro. Oh! Ibyo - rwose si kuri ubwo buryo nashakaga kubivuga, murabibona. Murabona? Ariko uko biri kose, murabizi, njyewe - naribwiye, nti "Kubera iki utavuga ikintu runaka?" Murabona, kandi nahatagaho. Naravuze, nti "Warayisomye yose uko yakabaye ku buryo buhagije?" Kandi we...Yego, ni byo."

75 Rero twaje kwisanga hafi imbere y'irembo, naribwiye rero, nti "Oh! Ra ra! Ntunjyane rero ngo ungeze ku nyubako y'igikingi cy'irembo, kubera ko byashoboka ko ntabasha kwiruka cyane kubarusha, none bimwire nonaha." Kandi kubw'ibyo, nari ngitegereje.

Yaravuze, ati "Billy, nifuzaga rwose kubikora." Yaravuze, ati "Ndagukunda." Imana ihe umugisha ubugingo bwe nonaha, ari mu Ikuzo. Yaravuze, ati "Ndagukunda." Yaravuze, ati "Ndatekereza ko twakagombye kubibwira umubyeyi wacu, ababyeyi. Si ko ubitekereza?"

Naravuze, nti "Mukundwa, umva, dutangirire ku mugabane w'icya kabiri - icya kabiri." Naravuze, nti "Nzabibwira papa wa we, niba ugiye kuzabibwira mama wa we." Nari musigiye umugabane ugoye cyane kurusha uwanjye, rugikubita.

Yaravuze, ati "Ndabyemeye, niba mbere na mbere ubibwiye papa."

Naravuze, nti "Ndabyemeye, nzabimubwira kucyumweru nimugoroba."

76 Kandi icyo gihe, kucyumweru nimugoroba bigeze, namujyanye mu rugo nyuma y'iteraniriro, kandi njyewe... Ntiyakuragaho amaso. Naritegereje, byari 21h30 [saa tatu n'igice], cyari igihe kuri njye cyo kugenda. Icyo gihe Charlie yari yicaye mu biro bye, yandikaga ku mashini abudatuza. Mme Brumbach yari yicaye mu nguni, yakoraga akantu runaka abohesha urushinge runini [crochet], murabizi, cyangwa twa tuntu tw'inziga duto baboheraho bashyira ku tuntu runaka, murabizi. Ntabwo nzi uko mutwita. Kandi rero, yakoraga akantu k'ubwo bwoko. Kandi Hope ntiyankuragaho amaso, yanyitegerezaga anyicira akajisho,

murabizi, anyereka se. Kandi njyewe... oh! Ra ra! Naribwiraga, nti "None yavuga "oya?" Rero natangiye kugenda ngana ku muryango, mvuga, nti "Rero, ndatekereza ko naba nkoze neza nigendeye."

77 Nagiye ngana ku irembo, kandi - na we yazanye na njye tugana ku irembo. Yari akimperekeje tugana ku irembo kugira ngo ambwire, ati "Ijoro ryiza." icyo gihe, nagendaga ngana ku irembo, nuko yaravuze, ati "Nturi bubimubwire?"

Naravuze, nti "Uuh! Ni ko navuze, ndagerageza, muby'ukuri, Ariko njyewe - njye - sinzi uko ndibubikore?"

Yaravuze, ati "Ngiye rwose gusubirayo, hanyuma uramuhamagara hanze. Nuko yasubiyeyo, ansiga aho mpagaze.

Naravuze, nti "Charlie."

Yarahindukiye, yaravuze, ati "Yego, Bill?"

Naravuze, nti "Ese nabasha kuvugana na mwe akanya gato?"

Yaravuze, ati "Yego rwose." Yasohotse mu biro bye, yarakase aza ansanga. Mme Brumbach yaramurebye, yarebye Hope, na njye yaranyitegereje.

Naravuze, nti « Mwabasha kuza ku nyubako y'ibikingi by'irembo ? »

Yaravuze, ati « Yego, ndaje. » Nuko, yarasohotse aza ku nyubako y'ibikingi by'irembo.

Naravuze, nti « Muby'ukuri ni umugoroba mwiza, si ko biri ? »

Yaravuze, ati « Yego, ni iby'ukuri. »

Naravuze, nti « Muby'ukuri harashyushye. »

« Rwose ni ko biri. » Yaranyitegereje.

Naravuze, nti « Muby'ukuri nakoze cyane, ni ko navuze, murabizi, ndetse mfite amabavu mu biganza. »

Yaravuze, ati « Ushobora kumutwara, Bill. » Oh! Ra ra! "Ushobora kumutwara."

78 Naribwiye, nti "Oh! Ngicyo ikiruta ibindi byose." Naravuze, nti "Muravuga mukomeje, Charlie?" Yaravuze... Naravuze, nti « Charlie, umva, nzi ko ari umukobwa wa nyu kandi ko mufite amafaranga. »

Yarambuye ukuboko kandi yamfashe mu kiganza. Yaravuze, ati « Umva, Bill, amafaranga, ntabwo ari yo ya ngombwa gusa mu buzima bw'umuntu. » Yaravuze...

Naravuze, nti « Charlie, njyewe - mpembwa gusa amasantimu makumyabiri ku isaha, ariko ndamukunda na we arankunda. Kandi ndagusezeraniye, Charlie, ko ngiye gukora cyane ku buryo ibi... ku buryo ibiganza bya njye bizaba byuzuye amabavu, kugira ngo mbone ibyo akeneye. Nzamubera imfura uko bishokoka.

Yaravuze, ati « Ndabyizeye, Bill. » Yaravuze, ati « Umwa, Bill, ndifuzako kukubwira ikintu. » Yaravuze, ati « Urazi, umunezero, ntabwo rwose ari amafaranga atanga umunezero. » Yaravuze, ati « Uzamubere gusa umuntu mwiza. Kandi nzi ko uzaba we. »

Naravuze, nti « Murakoze, Charlie. Ntagushidikanya ko nzaba we. »

Nyuma, cyari igihe cyo kubibwira nyina. Sinzi uburyo yabyifashemo, na none ni uko twashakanye.

79 Nuko, igihe twashakanye, ntacyo twari dufite, nta na kimwe kugira ngo dutangire urugo. Ndatekereza ko twari dufite amadolari abiri cyangwa atatu. icyo gihe, twakodesheje inzu, yadutwaraga amadolari ane ku kwezi. Yari inzu y'ibyumba bibiri. Kandi umuntu yari, yaraduhaye igitanda kizingwa gikuze. Ndibaza niba hari umuntu hano waba yarigeze kubona kimwe muri ibyo bitanda bizingwa? Bari barakiduhaye. Kandi nagiyeye kwa Sears na Roebucks, kandi naguzeyo akameza gato ku ideni. Hanyuma nagiyeye kureba M.Weber, umuntu ucuruza ibintu byakoze, kandi naguze iziko batekaho. Naribonye ku ma santimu mirongo irindwi n'atanu, kandi nishyuye idolari rimwe irenga ku twuma batekeraho tujyamo imbere. Twatangiye urugo. Ndibuka ko nari nafashe, ko nari nasize ibara ryirabura ku ntebe, igihe nari nasisize. Kandi, oh! Twari turi mu munezero uko biri kose. Twari turiho umwe ari uw'undi, rero, ni cyo cyari kidukwiriye. Kandi Imana, kubw'imbabazi za Yo n'ubuntu bwa Yo, twari inyabubiri y'abashakanye icyi bugufi ibayeho mu munezero kurusha izindi zabaha kubaho ku isi.

Natahuye ibi, ko umunezero utari mu mubare w'ibintu by'iyi si watunga, ahubwo mu kunyurwa dukura

mu kantu gato twagenewe.

80 Nyuma y'aho gato, Imana yaramanutse kandi Yahaye umugisha urugo rwacu ruciye bugufi; twabonye umwana w'umuhungu. Twamuhaye izina rya Billy Paul, ubu ari hano mu iteraniro. Kandi nyuma y'igihe gito, hafi amezi cumi na kumwe. Yarongeye iduha umugisha, w'akana k'agakobwa twise Sharon Rose, dushingiye ku mvugo "La Rose de Saron" [Ururabo rwa roza rw'i Saron.]

Kandi umunsi umwe, ndibuka ko nari narazigamye amafaranga kugira ngo mfate iminsi mike y'ikiruhuko, kugira ngo njye ahantu hitwa ikiyaga Paw Paw, kuroba. Kandi ndi mu nzira ngaruka...

81 Kandi muri icyo gihe... Ndimu kwibagirwa icyo navugaga. Narahindutse. Nasengewe nk'umukozi w'Imana mu Itorero ry'Ivugabutumwa ry'Ababatisita na dogiteri Roy Davis; nari narabayeye Umukozi w'Imana ubwiriza Ubutumwa bwiza, kandi nari mfite urusengeru rwa njye [ihema ry'ingando], aho mbwiririza ubu, i Jeffersonville. Nari umushumba w'iryo torero rito. Kandi njyewe...

Ntaguturisha amafaranga, nabaye umushumba w'iryo torero igihe cy'imyaka cumi n'irindwi, ntakira ifaranga na rimwe. Sinizeraga igikorwa cyo guturish... Ndetse nta n'inkoko y'amaturu yari iri mu rusengeru. Kandi ku byerekeye ibyacu nakiraga mu murimo wa njye n'ibindi byose, hari hari agasanduku gato kanditsweho ngo "Igihe cyose mwakoreye ibyo bintu umuto kurusha abandi mu ba Njye, ni Njyewe mwabikoreye." Kandi rero, ni gutyo twaguze urusengeru. Twasabye umwenda w'imyaka icumi kugira ngo turugure, kandi twishyuye mu myaka ibiri idashyitse. Kandi sinigeze na rimwe nturisha ituro iryo ari ryo ryose.

Kandi, rero, nari mfite, oh! Amadolari make nari narazigamye kubwo ibiruhuko bya njye. Na we yarakoraga, aho bakoraga amashati agezweho. Umukobwa w'inkumi w'igikundi, urukundo. Igituro cyo birashoboka ko gitwikiriwe n'urubura, rw'amasimbi uyu munsi, ariko ahora igihe cyise mu mutima wa njye. Kandi ndibuka ko yari yarakoze cyane bibabije, kugira ngo amfashe kwegeranya amafaranga ahagije yo kujya kuroba kuri icyo kiyaga.

82 Kandi, kubera ko nagarukaga mvuye kuri icyo kiyaga, natangiye kugenda negera Mishawaka na Bend y'Amajyepfo, muri Indiana, natangiye kubona imodoka zifite inyandiko zanditsweho inyuma zigira, ziti « Yesu wenyine. » Kandi naribwiye, nti « Ntibyumvikana, ibi ; 'Yesu wenyine'. » Natangiye kwita kuri izo nyandiko. Kandi zari ziri ku bintu byose, amagare, kuri za Ford, za Cadillac[ubwoko bw'imodoka], n'ahantu hose : « Yesu wenyine. » Nakurikiranye zimwe muri zo, kandi abo bantu bari baturutse mu itorero rinini cyane. Nuko naje gutahura ko bari abapantekote.

Nari narumvise bavuga abapantekote, ariko kari akadwi k'abera b'inkundarubyino babaga bari aho, barambaraye hasi, urufuzi mu kanwa, n'ibyo bintu byose bari barambwiye. Icyo gihe, nta cyo nifuzaga guhuriraho na byo.

Narabumvaga bose bitwara ku buryo budasobanutse, aho mo imbere, nuko naribwiye, nti « Ndibwira rwose ko ngiye kwinjira .» Nuko, nahagaritse Ford ya njye ikuze kandi narinjije ; kandi bararimbaga, ku buryo mutigeze na rimwe mu byumva mu buzima bwa nyu. Nashoje ntahuye ko yari amatorero abiri manini, rimwe muri yo ryitwaga A.P.J.C, n'irindi A.P.M. Benshi muri mwe bazibuka birashoboka ayo mashyira... ya kera. Ndatekereza ko yiyunze, kandi yafashe iryo zina ubu, izina ry'Itorero Pantekote Ryiyunze. Nuko, nakurikiye bamwe mu bigisha ba bo. Bari bari aho, Oh ! Bigishaga kuri Yesu no ku gukomera kwe, kandi mbega uburyo byari byiza bihebuje, no ku « mubatizo w'Umwuka Wera. » Naribwiraga, nti « Ni iki bavugaho ? »

83 Nyuma y'igihe gito, umuntu yagize atya arahaguruka kandi yatangiye kuvuga mu ndimi. Rwose, sinari narigeze na rimwe numva ikintu nk'icyo mu buzima bwa njye. Nuko nguwo umugore aba aje yiruka cyane. Hanyuma, abantu bose barahagurutse kandi batangiye kwiruka. Naribwiye, nti « Rwose, mwene Data, ntibazi rwose kwitwara ku rusengeru ! » Baraborogaga, bateraga urusaku, bitwaraga ku buryo budasanzwe, nuko naribwiye, nti « Mbese aka kadwi ni bwoko ki ? » Ariko, murazi, hari hari ikintu runaka, uko narushagaho gutinda nicaye aho, ibyo byarushagaho kunshimisha. Hari hari ikintu runaka cyasaga mu by'ukuri n'aho ari cyiza. Natangiye kubitegereza. Kandi ibyo byarakomezaga. Naribwiye, nti « Nguye rwose kuba nihanganye hamwe na bo akanya, kubera ko ngiye... Ndi hafi rwose y'urugi. Nihabaho imivurungano, ndibuhite nsohoka nihuta. Nzi aho imodoka ya njye ihagaze, rwose iruhande rw'umuhanda. »

84 Natangiye kumva bamwe mu babwirizabutumwa ba bo, bari abahanga b'intiti kandi abantu bazi neza Ibyanditswe. Rwose naribwiye, nti « Ni byiza bitangaje, ibi. »

Nuko, igihe isaha y'ifunguro rya nimugoroba igeze baravuze, bati « Buri wese naze gufungura. »

Ariko naribwiye, nti « Akanya gato, aho. Mfite idolari n'amasantimu mirongo irindwi n'atanu yo kugira ngo ntahe iwanjye, kandi njyewe...» Ni ayo mafaranga yonyine nari mfite, ya risansi. Ni uwo mubare w'amafaranga nasabwaga kugira ngo ntahe iwanjye. Nari mfite Ford ya njye ikuze, yari Ford nziza cyane. Ntiyagiraga ibindi bibazo, yari nk'iyi mfite hano, gusa ifite intege nke. Kandi yo... Ndatekera rwose ko iyo Ford yirukaga mayilo mirongo itanu [48km] ku isaha, Ariko birumvikana, byari cumi n'eshanu kugenda na

cumi n'eshanu kugaruka. Murabona, uteranije, bitanga mirongo itatu. Kandi rero yo... Naribwiye, nti "Rwose, uyu mugoroba, ndatekereza ko ngiye kugaruka kandi, nyuma y'i-..." Narahagumye kubw'iteraniryo rya nimugoroba.

85 Kandi, oh! Umwe muri bo Yaravuze, ati "Ababwirizabutumwa bese, tutitaye ku madini yabo, baze ku ruhimbi imbere." Rwose twari hafi magana abiri imbere ku ruhimbi, nari nazamutse imbere ku ruhimbi. Kandi icyo gihe yaravuze, ati "None, ntabwo dufite igihe gihagije kugira ngo mubwirize mwese." Yaravuze, ati "Gusa umuntu anyureho akurikirwe n'undi, muvuge uwo muri we n'aho muturutse."

Nuko, igihe igihe cya njye cyageze, naravuze, nti "William Branham, umubatisita. Jeffersonville, Indiana." Nyuraho.

Numvaga abandi bese bavugaga ko ari "abapantekote, abapantekote, abapantekote, A.P.M, A.P.J.C, A.P.M, A.P..."

Nanyuzeho. Naribwiye, nti "Rwose, ngomba kuba ndi igishuhe gicumbagira." Nuko, nariyicariye, ndategereza."

86 Kandi, uwo munsu, bari bakoresheje ababwirizabutumwa beza, b'abasore, kandi bari babwirije n'imbaraga. Nyuma, baravuze, bati "Uri bubwirize kuri uyu mugoroba, ni..." Ndatekereza ko bamwise « umusaza w'itorero." Kandi abakozi b'Imana babo, mu mwanya w'izina ry'ubukuru rya « reverend" [umushumba], bari bafite iry'umusaza w'itorero." [ancien]. Baturije umugabo ukuze w'umwirabura ku ruhimbi, kandi yari yambaye rimwe muri ya makote maremare y'ababwirizabutumwa b'umuderi wa kera. Ndatekereza ko mutigeze na rimwe muribona: umurizo muremure w'inyombya mu mugongo, murabizi, n'ikora rya veluru. Kandi ryari rifite akantu gato k'uruziga rw'imisatsi itamirije kazengurutse umutwe. Umusaza wo kubabarirwa, yagiye gutya, murabizi. Yahagaze aho, kandi yagiye mu kindi cyerekezo. Kandi, mu gihe ababwirizabutumwa bese bari babwirije kuri Yesu no kugukomera kwe... Ugukomera kwe, n'ibindi byose, uwo mugabo w'umusaza yakuye icyansitswe cy'e muri Yobu. "Wari uri he igihe nashyiragaho imfatiro z'isi, cyangwa igihe inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbiraga hamwe kandi igihe Abana b'Imana bateraga urusaku rw'umunezero?"

Kandi uwo musaza wo kubabarirwa, naribwiye, nti "Kubera iki batazanye hariya umwe muri bariya basore ngo babwirize?" Abantu bakomeye... icyumba cyari cyari cyuzuye cyasendereye. Naribwiye, nti "Kubera iki batabikoze?"

87 Kandi, rero, uwo musaza, aho kubwiriza ku byari byarabayeho hano ku isi, yatangiye kubwiriza ku byari byarabayeho mu Ijuru, icyo gihe cyose. Rwose, yazamukanye na We aho mu itangiriro, mu itangiriro ry'igihe, hanyuma, yamanukanye na We mu kuza kwe kwa kabiri kugeza ku mukororombya aho ijisho rihereza. Rwose, sinari narigeze na rimwe numva ikibwirizwa nk'icyo mu buzima bwa njye! Hafi muri icyo gihe, Umwuka yamanutse kuri we, yarasimbutse kugera hafi kuri ubu burebure ajya hejuru, yavugije urusaku rwa talo z'inkweto, yazamuye intugu kandi yaramanutse ava ku ruhimbi asimbagurika, yaravugaga, ati "Muby'ukuri simfite ahantu hahagije kuri uru ruhimbi ho kubwiririza." Kandi yari afite ahantu hanini haruta aho mfite aha.

Naribwiye, nti "Niba icyo kintu gituma uyu muntu ukuze w'umusaza yitwara atya, ni iki cyakora kiramutse kimfashe?" Njyewe - naribwiye, nti "Birashoboka ko byari bikwiriye." Rwose, igihe yageze ku ruhimbi. Nari mufashe nk'uwo kugirirwa impuhwe, umusaza wo kubabarirwa. Ariko igihe yongeye akagenda, ubwa njye nari nifashe nk'umuntu wo kugirirwa impuhwe. Naramurebaga amanuka ava ku ruhimbi.

88 Kuri uwo mugoroba, dusohotse, naribwiye, nti "None, ejo mugitondo, sinzabwira umuntu n'umwe aho ndi cyangwa uwo ndi we." Nuko, naragiye, kandi iryo joro nambaye ipantaro ya njye bwangu. Nafashe... nagiyeye kuryama mu murima w'ibigori, kandi nagiyeye kugura utugati duta tutarakomera. Mwebwe... Naguze ipaki ya two ku masantimu atanu. Hari hari ivomo ry'amazi hirya kure buhoro, nahakuye amazi, naranyoye, kandi nagiyeye kurya utugati twa njye. Nagarutse kongera kunywa amazi make. Nagiyeye mu murima w'ibigori, nashyize ipantaro ya njye ngufi nyizinze hagati y'ibintu bibiri nari nicayeho, aho, nayigoroye ku cyo nari nicayeho.

Kandi iryo joro, narasenze hafi ijoro ryose. Naravugaga, nti « Mwami, nari ndi mu biki? Sinigeze mbona abantu nk'aba b'abanyamwuka mu buzima bwa njye. » Naravugaga, nti « Umfashe menye ibyo ari byo mu by'ukuri. »

89 Umunsu ukurikiyeho mugitondo, nagiyeye yo. Bari baturarikiye ifunguro rya kumanywa. Ubusanzwe, sinifuzaga kujya gusangira na bo, bitewe n'uko ntacyo nari mfite gutanga nk'ituro. Nuko rwose naragarutse. Kandi umunsu ukurikiyeho mu gitondo, igihe nahageze, rwose (nari nariye tumwe mu tugati twa njye), naricaye. Kandi bari bashyizeho indangururamajwi. Kandi njyewe, sinari narigeze na rimwe mbona indangururamajwi mbere, kandi nari mfite ubwoba bw'icyo kintu. Nuko, bo... Hari hari akagozi gato kaziritswe hejuru, kandi byari bimanitse. Imwe muri izo ndangururamajwi imeze nk'izo bamanikaga. Nuko



umwe muri bo yaravuze, ati "Ejo ku mugoroba, hari hari umubwirizabutumwa muto hano imbere ku ruhimi, w'umubatisita."

Naribwiye, nti "Oh! Oh! Aho, bagiye kuntonganya, ni ibyo rwose." Kandi yaravuze, ati "Yari we mubwirizabutumwa muto kurusha abandi ku ruhimi. Yitwaga Branham. Ese hari umuntu uzi aho yaba aherereye? Nimumubwire aze, turifuza ko atanga ubutumwa bwo muri iki gitondo."

90 Oh! Ra ra! Nari nambaye agapira k'amaboko magufi n'ipantaro yizingazinzwe, murabona. Kandi twebwe, ababatisita, twizera ko ko ari ngomwa kwambara ikositimu kugira ngo wurire uruhimi, murabizi. icyo gihe... Njyewe-nagumye rwose kwituriza. Nuko muri icyo gihe... Bari bakoreye ibyo mu majyaruguru icyo gihe, kubera ko (igiterane cyabo mpuzamahanga) abantu b'abirabura ntibajyaga kubasha kukizamo iyo baza kuba baragikoreye mu majyepfo.

Abantu b'abirabura bari bari aho, na njye, nari naturutse mu majyepfo, nari ngifite akantu ko kwiremereza, murabizi, numvaga nsa n'umuntu uruta abandi. Kandi byabaye ngombwa ko muri icyo gitonda, hicaye rwose iruhande rwa njye, hari hari u - umuntu w'umwirabura. Nuko, naricaye kandi naramwitegereje. Naribwiye, nti "Rwose, ni mwene Data."

Uwo muntu yaravuze, ati "Ese hari umuntu waba azi aho William Branham yaba aherereye?" Nacengeye mu ntebe ya njye, ntya. Nuko, yaravuze, yamenyesheje ubwa kabiri, yaravuze, ati "Ese hari umuntu uri hanze (yegije bugufi indangururamajwi ntoya) waba azi aho William Branham yaba aherereye? Nimumubwire ko twifuza ko yaza ku ruhimi imbere kubw'ubutumwa bwo muri iki gitondo. Ni umubwirizabutumwa w'umubatisita waturutse mu majyepfo, wo muri Indiana."

91 Nagumye rwose nituriye, kandi nacye bugufi, murabizi. Nta muntu n'umwe wari unzi, uko biri kose. Uwo mwene Data w'umwirabura yankubiseho akajisho, yaravuze, ati "Uzi aho ari?"

Naribwiye... Njyewe - nagombaga byaba kubeshya cyangwa gukora ikintu runaka. Nuko naravuze, nti "Sa nuca bugufi hano."

Yaravuze, ati " Ni byo, mu genzi wa njye?"

Naravuze, nti "Nashakaga kukubwira ikintu." Naravuze, nti "Ni - ni njyewe."

Yaravuze, ati « Rwose, zamuka hariya. »

Naravuze, nti « Oya, sinshobora. Urabona, mfite - naravuze, nambaye aka kantu k'agapantaro gato kipfunyapfunyitse n'aka gapira k'amaboko magufi. » Naravuze, nti « Sinamenya uko nahazamuka. »

Yaravuze, ati « Aba bantu ntacyo bitayeho ku myambaro ya we. Genda uzamuke hariya."

Naravuze, nti "Oya, oya." Naravuze, nti « Icecekere, ntuvuge ijamba na rimwe, aho. »

Kandi bagarutse ku ndangururamajwi nyuma y'akanya gato, baravugaga, bati « Ese hari umuntu uzi aho William Branham yaba aherereye? »

Yaravuze, ati « Nguyu! Nguyu! Nguyu! » Oh! Ra ra! Aho, narahagurutse, nambaye ako gapira k'amaboko magufi, murabizi. Kandi nguko uko njyewe...

92 Yaravuze, ati « Muze rero, Bwana Branham, turifuza ko mwatanga ubutumwa. » Oh ! Ra ra ! Imbere y'abo babwirizabutumwa bose, yuu! Aba bantu bose ! Nagiye imbere, nigengesereye, murabizi,. Wese nari umutuku, kandi nari mfite amatwi yavuzaga urusaku. Nazamutse nigengesereye, nari nambaye agapantaro kizingazinzwe n'agapira k'amaboko magufi, njyewe umubwirizabutumwa, umubwirizabutumwa w'umubatisita, ngenda ngana indangururamajwi, kandi sinari narigeze na rimwe nyibona mbere, murabibona.

Nahagaze aho, naravuze, nti "Rwose njyewe - njyewe- sinzi iki kintu." Nari ntafite umurongo, nari mfite ibibazo muri njye cyane, murabizi. Nuko nabumbuye Bibiliya ya njye muri Luka 16, kandi naratekereje nti « Rwose, noneho ...Kandi njyewe- natagiye ingingo igira, iti " Ikuzimu h'abapfuye, yubura amaso, nuko ararira." Kandi nafashe... icyo gihe njyewe - natangiye kubwiriza, kandi numvaga nsa n'umeze neza kurushaho. Nuko naravuze, nti "Umuntu w'Umutunzi yari ari ikuzimu h'abapfuye, nuko ararira." Ayo magambo atatu mato, ndayafite menshi y'ibyo bibwirizwa, urugero, Mbese wizeye ibyo? Bwira urutare, mwaranyumvise mbwiriza ibyo. Nafashe: Nuko icyo gihe ararira. Naravuze, nti "Nta ndabo ziri yo. Nuko ararira. Nta Mana iri yo. Nuko ararira. Nta Kristo uri yo. Nuko ararira." Nuko nararize. Ikintu Runaka cyaramfashe. Oh! Ra ra! Oh! Ra ra! Nyuma, sinzi ibyabayeho. Igihe nabaye nk'ugaruye ubwenge, nari ndi hanze. Abo bantu batangiye kuboroga, batera hejuru n'urusaku kandi barira, kandi njyewe, twagize igihe cyiza bihebuje.

93 Igihe nasohotse, umuntu yaranyegereye, yari yambaye ingofero nini yo muri Texas, inkweto za bote nini,, yaranyegereye, yaravuze, ati "Ndi umusaza w'itorero runaka." Umubwirizabutumwa, yari yambaye

za bote z'abashumba [cow-boy], imyambaro y'umushumba.

Naribwiye, nti " Rwose, ipantaro ya njye yizingazinze ntabwo ari mbi bikabije, urebye."

Yaravuze, ati "Ndifuzaga ko uzaza muri Texas, ugakoresha amateraniro y'ububuyutse mu itorero rya njye."

"Aah! Ni byo, ngiye kubandikira, mugenzi wa njye." Narabyanditse, gutyo.

Dore nguwo umuntu uje ansanga, yari yari yambaye akantu k'ubwoko bw'agapantaro ka "golf" [golfe]; kera, baratwambaraga kugira ngo bakine "golf," murabizi, ako gapantaro gafunguye cyane hasi. Yaravuze, ati "Ndi umusaza w'itorero runaka, waturutse Miami. Nifuzaga ko..."

Naribwiye, nti " Rwose, birashoboka ko ari iby'ukuri ko imyambaro atari iya ngombwa cyane." Nitegereje ibyo kandi naratekereje, nti "Ntacyo bitwaye."

94 Nuko nahawe ubwo butumire, kandi natashye iwanjye. Umugore wa njye yari yaje kunsanganira, kandi yaravuze, ati " Kubera iki usa n'unezerewe cyane, Billy?"

Naravuze, nti "Oh! Nahuye n'abantu beza bitangaje kurusha abandi mu isi. Oh! Ra ra! Ni abantu beza bitangaje kurusha abandi twaba twarigeze kubona. Abo bantu ntibafite isoni z'idini rya bo. » Kandi, oh ! Namutekereje byose. Naravuze, nti « Kandi reba ibyo, mukundwa, urutonde rwose uko rwakabaye rw'ubutumire. Abo bantu ! »

Yaravuze, ati « Ntabwo ari abera b'inkundarubyino, niko nibwira ? »

Naravuze, nti « Sinzi ubwoko bw'inkundarubyino ubwo ari bwo bari zo, ariko bafite icyo nari nkeneye. » Murabona? Naravuze, nti "Ngicyo - ngicyo ikintu nzi neza." Naravuze, nti "Nabonye umukambwe w'imyaka mironko cyenda asubira ibusore." Naravuze, nti "Sinari narigeze numva na rimwe mu buzima bwa njye kubwiriza nk'uko. Rwose sinigeze mbona na rimwe umubatisita abwiriza atyo." Naravuze, nti " Barabwiriza kugeza aho basa n'abadahumeka, barapfukama kugera hasi ku butaka, barongera bagahaguruka kandi bakongera bagafata akuka. Ubasha kubumva uri hirya y'imidugudu ibiri y'amazu yegeranye uturutse aho, barimo kubwiriza." Kandi naravuze, nti "Nyewe - ntacyo nigeze numva na rimwe mu buzima bwa njye nk'icyo." Naravuze, nti "Bavuga mu rurimi rutamenyekana, kandi undi akavuga icyo bavuze. Ntacyo nigeze numva na rimwe mu buzima bwa njye nk'icyo!"

Naravuze, nti "Urifuza kuzajyana na njye?"

Yaravuze, ati "Mukunzi, uherye igihe nashakanye na we, nzaguma iruhande rwa we kugeza aho urupfu ruzadutandukaniriza." Yaravuze, ati "Nzagenda." Yaravuze, ati "Noneho tugiye kubibwira ababyeyi bacu."

Naravuze, nti "None, ubibwire mama wa we, na njye, ndabibwira mama wa njye." Nuko, twebwe... Nagiye kubibwira mama.

Mama yaravuze, ati "Nyamara, ni byo rwose, Billy. Icyo Umwami aguhamagariye gukora cyose, genda kandi ugikore!"

95 Nuko, icyo gihe, Mme Brumbach yasabye ko njya kumureba. Nagiye yo. Yaravuze, ati "Iyo nkuru uvuga ni ibiki?"

Naravuze, nti "Oh! Mme Brumbach, ni ko naravuze, ntimwigeze ma rimwe mubona abantu nk'abo."

Yaravuze, ati "Tuza! Tuza!"

Naravuze, nti "Ni byo, madamu." Naravuze, nti « Mumbabarire. » Nuko yaravuze, ati « Uzi ko ari akarwi k'abera b'inkundarubyino ? »

Naravuze, nti « Oya, madamu, sinari mbizi. » Naravuze, nti « Abo - ni abantu muby'ukuri beza bitangaje. »

Yaravuze, ati « Mbega igitekerezo ! Uratekereza uburyo ugiye kujyana umukobwa wa njye mu mwanda nk'uriya! » Yaravuze, ati « Birasekeje ! Abo, ni abantu andi matorero yashyize hanze b'imburamumaro. » Yaravuze, ati « Ku buryo budasubirwaho oya, ntuzajyanayo umukobwa wa njye gutyo ! »

Naravuze, nti «Ariko, Murazi, Mme Brumbach, mu ndiba y'umutima wa njye, nzi ko Umwami ashaka ko njyana na bariya bantu. »

Yaravuze, ati « Subira ku itorero rya we, kugeza aho bazabonera uburyo bwo kuguha icumbi ku rusengeru, kandi ujye witwara nk'umuntu w'umunyabwenge. » Yaravuze, ati « Ntuzabijyanamo umukobwa wa njye. »

Naravuze, nti « Ni byo, madamu. » Narahindukiye kandi naragiye.

96 Hope yatangiye kurira. Yarasohotse, yaravuze, ati « Billy, ntitaye ku byo mama avuga, nzagumana na we. » Ahabwe umugisha !

Naravuze, nti « Oh ! Ntacyo bitwaye, mukundwa. »

Kandi rwose narabiretse. Ntiyashakaga kureka umukobwa we ngo ajye muri abo bantu, kubera ko « gusa bari abantu b'imburamumaro. » icyo gihe, narabiretse ahubwo. Ni ryo kosa rikomeye kurusha ayandi naba narakoze mu buzima bwa njye, rimwe mu makosa akomeye kurusha ayandi!

97 Nyuma y'aho gato, imyaka mike nyuma y'aho, abana baje mu isi. Kandi umunsi umwe, twari turi... Habayeho umwuzure mu 1937. Habayeho umwuzure. Kandi... wacu... icyo gihe, nakoraga ironde, kandi nakoraga icyo nshoboye gukora cyose kugira ngo nkure abantu mu mwuzure, amazu yararindimukaga akagwa. Kandi umugore wa njye bwite yararwaye, kandi yari arwaye cyane, arwaye bikabije, yari yafashwe n'umusonga. Kandi bamujyanye... Ivuriro bivurizagamo ubusanzwe ryari ryuzuye ku buryo tutashoboraga kumushyira yo; icyo gihe, twamujyanye - mu nyubako ya Leta, aho bari baratunganyije neza icyumba. Kandi rero, nyuma, barongeye barampamagara, kugira ngo nsubire yo. Nabaye igihe cyose kumugezi, kandi ndi umuhanga cyane mu gutwara ubwato buto, rero nageragezaga kuzana abantu, kubatabara mbakura mu mwuzure. Kandi icyo gihe, njyewe... u...

98 Barampamagaye, bavuga, bati "Hari inzu ku muhanda Chestnut, iri hafi kugwa. Harimo umumama n'utwana twinshi mo imbere, ni ko bambwiye, niba utekereza ko ukoresheje akato ka we, moteri ya we, Wabasha kugenda ukagera kuri bo." Naravuze, nti "Rwose, ngiye gukora uko nshoboye kose."

Kandi nanyuraga mu miraba. Inkombe y'urugomero yari yasenyutse aho, kandi, oh! Ra ra!... Amazi yari arimo gutwara umugi. Najyagayo ubwato nabuhaye umuriro, kandi hanyuma, nyuze mu duhanda n'imihanda minini, nagezeyo, hafi y'ahantu hari hari urugomero rwa kera, kandi amazi yatembaga aho ahorera. Numvise umuntu ataka, kandi nabonye umumama ahagaze ku nyubako y'ibikingi by'irembo. Kandi imiraba ikomeye yarahoreraga, gutyo. Nuko, nakomeje kuzamuka muri icyo cyerekezo rwose kure aho nashoboraga kugera, nageze ku mazi ahurura kandi naragarutse nuko nageze kuri urwo ruhande. Nahagarikiye ubwato bwa njye rwose ku gihe kugira ngo mbuzirike ku nkingi y'igice gihagaze, y'igice gihagaze cy'umuryango, cyangwa cy'igice gihagaze cy'inyubako y'igikingi cy'irembo. Ninaze mu nzu, nafashe umumama mu maboko kandi namwuriye mu bwato hamwe n'abana babiri cyangwa batatu. Nazituye ubwato bwa njye, kandi naramuzanye... muzanye...muzanye. Nagiye iyo hasi cyane kandi namuzanye ku nkombe; nagenze hafi mayilo n'igice [km 2] mu mugamba mbere yo kugera ku nkombe hamwe na we. Kandi igihe nageze aho, yari yataye ubwenge. Kandi yari yatangiye ku... yateraga hejuru arira, ati "Akana ka njye! Akana ka njye!"

99 Rwose, naketse ko yashakaga kuvuga ko yari yasize umwana we muto mu nzu. Oh! Ra ra! Narongeye nsubira yo, mu gihe bageragezaga kumwitaho. Kandi nashoje ntahuye ko byari... cyangwa, ko yashakaga kumenya aho umwana we muto yari ari, aho. Hari hari rwose akana gato gafite hafi imyaka itatu, kandi njyewe, naketse ko yavugaga akana k'agahinja cyangwa ikintu runaka nk'icyo.

Nuko, narongeye ndagenda kandi nagiyeye yo. Kandi, naziritse ubwato, narinjiye kandi sinabonye umwana muto; nuko inyubako y'igikingi cy'irembo yavuyeho kandi inzu yaraguye. Narirutse nihuta cyane kandi nafashe i-igice cy'igiti cyari gifashe ubwato bwa njye, nuriye mu bwato, narakuruye kandi narabuzituye.

100 Nisanze icyo gihe mu mazi ahurura y'umugezi nyirizina. Byari hafi saa tanu z'ijoro n'iminota mirongo itatu, imvura y'amasimbi yaragwaga n'amasimbi nyirizina. Nafashe umugozi wo kwatsa, kandi nagerageje kwatsa ubwato ngo bugende, kandi bwangaga kwaka; naragerageje; kandi bukanga kwaka, kandi narongeye ndagerageza. Nari najyanywe kure cyane mu nkubi y'amazi atemba, kandi amasimo yari rwose imbere gato epfo iyo hasi. Nageragezaga kwatsa n'imbaraga za njye zose, kandi naribwiraga, nti "Oh! Ra ra! Iri ni - ni ryo herezo rya njye! Ni ibyo! Kandi nageragezaga n'imbaraga za njye zose. Naravuze, nti « Mwami, ndakwinginze ntundeke ngo mfe urupfu nk'urwo. » Kandi narakururaga, narongera ngakurura.

Nuko ibyo byanje mu bitekerezo, biti « Ibya ba bantu b'imburamumaro abo utashatse kugeraho bimeze bite? » Murabona ? Ni byo neza neza.

101 Narambitse ikiganza cya njye ku bwato, kandi naravuze, nti « Oh ! Mana, Ungirire imbabazi. Ntundeke ngo nsige umugore wa njye n'umwana wa njye gutyo, mu gihe bari hariya, barwaye ! Ndakwinginze ! » Kandi nakomezaga rwose gukurura, gutya, kandi bukanga kwaka. Kandi numvaga guhorera hasi iyo kure, kubera ko njyewe... Rwose haburaga iminota mike, kandi, oh ! Ra ra ! Byajyaga kuba birangiye. Nuko naravuze, nti «Mwami, niba ushaka kumbabarira, ndagusezeranya ko nzakora byose. » Napfukamyeye muri ubwo bwato, aho, n'urubura rw'amasimbi rwashonze rwankubitaga mu maso, naravuze, nti « Nzakora icyo uzashaka cyose ko nkora. » Kandi narongeye ndakurura, nuko bwaratse.

Namariyemo umuriro wose, kandi nyuma nabashije kugera ku nkombe.

Nasubiye ku ikamyi, ku ikamyi yazengurukaga ku bw'umutekano. Kandi natekereje ku... Bamwe baravugaga, bati « Muvuge rero, imyubako ya Leta imaze gutwarwa. » Umugore wa njye n'umwana wa njye bari bari aho, utwana tubiri dutoya. »

102 Nafashe icyerekezo cy'aho inyubako ya Leta yari iri nihuta cyane, kandi amazi yayigeraga ku burebure bw'igihagararo bwa metero enye [m4] ahantu hose. Hari hari meya w'umugi aho, nuko naramubajije, nti « Meya, byagendekeye bite ivuriro ? »

Yaravuze, ati « Rwose, ntimuhagarike umutima. Hari harimo umuntu wo mu banyu mu imber? »

Naravuze, nti « Yego, u - umugore urwaye n'utwana tubiri duto. »

Yaravuze, ati « Bose basohotse. » Yaravuze, ati « Bari muri « gare ya moshi » y'ibicuruzwa, kandi bari mu nzira berekeza Charlestown. »

Narirutse, nuriye ku bwato bwa njye kandi... cyangwa ahubwo, nuriye mu modoka ya njye, n'ubwato inyuma, kandi nafomoranije nerekeje... Kandi rero, imigezi mito yari yasandaye hose, , kandi yari yageze hafi kuri mayilo ebyiri n'igice cyangwa mayilo eshatu [km4 cyangwa km 4,8] z'ubugari. Ijoro ryose, nagerageje ku... Bamwe baravugaga, bati « Gare ya moshi, gare ya moshi y'ibicuruzwa, amazi yayitesheje umuhanda, iyo, uvuye ku kiraro. »

Rwose, nisanze ndi njyenyine ku karwa gato, nagumye aho iminsi itatu. Nagize ku buryo buhagije igihe cyo gutekereza kugira ngo nsobanukirwe niba kari akarwi k'abantu b'imburamumaro cyangwa atari byo. Nimenaga umutwe, nibwira, nti « Umugore wa njye ari he ? »

103 Icyo gihe nashoje mubonye, iminsi mike nyuma y'aho, nyuma y'uko nasohotse aho, kandi narambutse, yari ari iyo kure cyane i Columbus, muri Indiana, mu cyumba cy'ababatisita, bari barakoze ikintu cy'ivuriro aho, ibyumba by'abarwayi baryamye ku dutanda [brancards] twa Leta. Kandi narirutse ngo murebe, nihuta cyane; narageragezaga ngo mbone aho yari ari ntera hejuru n'urusaku, nti « Hope! Hope! Hope! »

Naritegereje, kandi yari aryamye aho ku gitanda, igituntu cyari cyamenyekanye.

Yazamuye akaboko ke kashizemo, kandi yaravuze, ati « Billy. »

Nirutse musanga, kandi naravuze, nti « Hope, mukundwa. »

Yaravuze, ati « Meze nabi biragaragara, siko biri ? »

Naravuze, nti « Oya, mukundwa, umeze neza. »

104 Mu gihe hafi cy'amezi atandatu, twakoze uko dushoboye kose kugira ngo tugerageze gutabara ubuzima bwe, ariko yagendaga arushaho kumera nabi.

Umunsi umwe, nari ndi ku ironde, nari nafunguye radiyo ya njye, kandi nibwiye ko numvise bavuga, bati « Nimutange itangazo kuri radiyo, rivuga, riti « William Branham arakenewe byihutirwa ku ivuriro, umugore we ni uwupfa. » Nasubiye ku ivuriro n'ingoga, rwose nihuta uko nshoboye, nashyizemo ibinyoteri bitukura n'ijwi ry'impuruza, kandi naragiye. Nuko igihe nnyewe - nageze ku ivuriro, narahagaze, ninjiye niruka. Nambukiranya ivuriro, nahuye n'umwe wo muri bagenzi ba njye b'inshuti za twarobanaga, kandi twarirukankanaga igihe twari tukiri uduhungu duto : Sam Adair.

Umudogiteri Sam Adaire, ni we iyerekwa ryabaye ryari ibimwerekereye ubushize, kandi yabwiye ibyayyaga kubaho byerekeye ibizame byo kwa muganga. Yavuze ko niba hari umuntu ushidikanya ku iyerekwa, icyo yakora gusa cyaba kumutelefone ku buntu; aramutse ashaka guhinyuza niba ari byo cyangwa atari byo ryari iry'ukuri.

105 Kandi, rero, dore nguwo aje gutya, kandi yari afashe ingofero ye mu ntoki. Yarandebye kandi gusa yaraturitse ararira. Nirutse musanga, namusimbukiye mu ijosi. Yamfashe mu maboko ye kandi yaravuze, ati « Billy, arigendeye. » Yaravuze, ati « Agahinda karanyishe. Nakoze ibyo nshoboye byose, nazanye inzobere n'ibindi byose. »

Naravuze, nti « Sam, ntibishoboka, arigendeye! »

Yaravuze, ati « Ni byo rwose, arigendeye. »

Kandi yaravuze, ati « Ntiwinjire aho, Bill. »

Naravuze, nti « Ni ngombwa ko ninjira aho, Sam. »

Yaravuze, ati « Ntukore ibyo. Oya, ndakwinginze, ntukore ibyo. »

Naravuze, ati « Ndeka ninjire. »

Yaravuze, ati « Ndajyanamo na we. »

Naravuze, nti "Oya, guma aha. Ndifuzza kugumana na we mu gihe cy'iminota ye ya nyuma. »

Yaravuze, ati "Ntacyumva."

106 Ninjiye mu cyumba. Umuforomo yari yicaye aho, kandi yarariraga, rwose we na Hope bahoze ari inshuti zo mu ishuri. Nuko, nakubise akajisho, kandi yatangiye kurira, yazamuye ikiganza cye. Kandi nigiyeho hafi.

Naramurebye, kandi naramunyeganyeye. Yari ari aho, yari yaravuye ku biro hafi mirongo itanu na bitanu ageze ku biro hafi makumyabiri na birindwi n'igice [kg 27,5] Njyewe - naramunyeganyeye. Kandi, nubwo nabaho kugeza ku kigero cy'imyaka ijana, nta na rimwe nazibagirwa ibyabayeho. Yarahindukiye, n'ayo maso manini meza yayuburiye kuri njye. Yarasetse. Yaravuze, ati "Kubera iki wongeye kumpamagara, Billy?"

Naravuze, nti "Mukundwa, maze rwose kubona amafaranga..."

107 Byari ngombwa ko nkora. Twari dufite amadeni menshi, amajana y'amadolari yo kwishyura abaganga, kandi nta cyo twari dufite cyo kubishyura. Byari ngombwa rwose gukora. Namurebaga kabiri cyangwa gatatu ku muni; n'imigoro yose, na none, n'igihe yari ari muri icyo gihe.

Naravuze, nti "Ni iki ushaka kuvuga aho, kongera kuguhamagara?"

Yaravuze, ati "Bill, wabwirije ibyo, wabivuzeho, Ariko ntushobora gutekereza ibyo ari byo."

Naravuze, nti "Ni ibiki uvuga?"

Yaravuze, ati « Ibyerekeje Ijuru. » Yaravuze, ati « Umva. » Yaravuze, ati « Natahaga Imuhira, nshagawe n'abantu, abagabo cyangwa abagore, cyangwa ikintu runaka nk'icyo. Bari bambaye ibyera. » Kandi yaravuze, ati « Nari mu mutuzo no mu mahoro. » Yaravuze, ati « Inyoni nziza nini zagurukaga ziva mu giti zijya mu kindi. » Yaravuze, ati « Ntutekereze ko nteshaguzwa mvuga ibitabapfu. » Yaravuze, ati « Billy, ngiye kukubwira iryabaye ikosa ryacu iryo ari ryo. » Yaravuze, ati « Icara. » Ntabwo nicaye ; narapfukamye, kandi namufashe ikiganza. Yaravuze, ati « Uzi aho twakoreye ikosa ryacu? »

Naravuze, nti « Yego, rukundo rwa njye ndabizi. »

Yaravuze, ati « Ntitwakagombye na rimwe kuba twarumviye mama. Ba bantu bari bari mu kuri. »

Nuko naravuze, nti « Ndabizi. »

Yaravuze, ati « Nsezeranya ibi, ko uzasanga bariya bantu, ni ko yavuze, kubera ko bari bari mu kuri. » Kandi yaravuze, ati "Uzarere abana ba njye gutyo." Kandi njyewe... Yaravuze, ati "Ndifuzza kukubwira ikintu." Yaravuze, ati « Ndi uwupfa, ariko, ni ko yavuze, ni... Njyewe ntabwo - mfite impungenge zo kugenda. » Yaravuze, ati « Ibi ni - ni byiza. » Yaravuze, ati « Gusa, sinifuzza kugusiga, Bill. Kandi nzi ko ufite turiya twana duto tubiri two kurera. » Yaravuze, ati "Nsezeranya ko - ko utazagumaho nta mugore, kandi ko abana ba njye batazajyanwa aha na hariya n'agahinda." Byarumvikanyaga ku mu mubyeyi w'umumama w'imyaka makumyabiri n'umwe.

Naravuze, nti "Sinabasha kugusezeranya ibyo, Hope."

Yaravuze, ati "Binsezeranye, ndakwinginze." Yaravuze, ati "Hari ikintu nifuzaga kukubwira." Yaravuze, ati "Uribuka ya mbunda?" Nkunda bikabije muby'ukuri imbunda. Yaravuze, ati "Wifuzaga kugura ya mbunda, urya muni, kandi ntiwari ufite amafaranga ahagije yo kuyishyura."

Naravuze, nti "Ni byo."

Yaravuze, ati "Nazigamye amafaranga, udukeri twanjye tw'amasantimu atanu, kugira ngo ngerageze kuzigamira ubwishyu bwa ya mbunda ya we." Kandi yaravuze, ati "Nuko rero, igihe biri bube birangiye, kandi ukaza gusubira mu rugo, urebe hejuru y'umusego... cyangwa ahubwo y'igitanda kizingwa, muni y'ako gace k'urupapuro gatwikirije hejuru, uribubone ayo mafaranga." Kandi yaravuze, ati "Nsezeranya ko uzagura iyo mbunda."

Ntimubasha kwiyumvisha icyo numvise muri njye igihe nabonye iyo dolari n'amasantimu mirongo irindwi n'atanu (y'ibiceri by'amasantimu atanu) arambitse aho. Kandi naguze imbunda.

108 Kandi yaravuze, ati "Uribuka igihe wagiye mu muguri kungurira umuguro w'amasogisi maremare, kandi ko twagombaga kujya i Fort Wayne?"

Naravuze, nti " Yego."

Nari mvuye kuroba, kandi yari yambwiye... Twagombaga kujya i Fort Wayne, nagombaga kubwiriza kuri uwo mugoroba. Nuko yarambwiye, ati "Urazi, nari nakubwiye, nti 'Hari ubwoko bubiri bwa yo.' Bumwe, bwari bukozwe muri "mousseline" ya suwa [budodo bworohereye bwa suwa.] Kandi ubundi, ese ni iki? Mu budodo bwari bukozwe muri "Rayonne"? [mu budodo bwa suwa y'inkorano bubengerana] Ese ni ibyo? "Rayonne na mousseline". Rwose, uko byamera kose, ayo yari akozwe muri [Mousseline] yari meza kurusha ho. Si ko biri? Yaravuze, ati "Rero, unguire ayo akozwe muri [mousseline], afite akantu gafata." Murazi, ni ayo afite akantu gato inyuma y'isogisi, ku gice cyo hejuru? Ntacyo nari nzi na mba ku byerekeye imyambaro y'abadamu, rero njyewe...

Nuko namanukaga umuhanda, nsubiramo, nti "[mousseline], [mousseline,] [mousseline] (nageragezaga gushyira ibitekerezo bya njye kuri ibyo), [mousseline], [mousseline,] [mousseline]."

Umuntu yarambwiye, ati "Muraho, Billy!"

Naravuze, nti "Oh! Muraho, muraho." "[Mousseline],[mousseline], [mousseline], mousseline], [mousseline.]"

Nageze ahantu kandi nahuye na M.Spon. Yaravuze, ati « Eeh, Billy, uzi ko ifi zirya hariya[ifi zifatwa], hafi y'inkingi ya nyuma ? »

Naravuze, nti "Aah! Yego, ni iby'ukuri, ibyo?"

"Yego."

Nuko naratekereje, igihe natandukanye na we, nti "Ese na none ibyo byari ibiki?" Nari nabyibagiwe.

109 Nuko, Thelma Ford, umukobwa w'inkumi nari nzi, yakoraga aho bacururiza. Nari nzi ko bacuruzaga amasogisi y'abadamu aho, nuko nagiye yo. Naravuze, nti "Muraho, Thelma."

Yaravuze, ati "Muraho, Billy. Amakuru ki? Hope ameze ate?"

Naravuze, nti "Neza." Naravuze, nti "Thelma, nashakaga umuguro w'amasogisi wa Hope."

Yaravuze, ati "Hope ntakunda amasogisi."

Naravuze, nti "Ni byo, mada, arayakunda rwose."

Naravuze, nti «Urashaka kuvuga amasogisi maremare. »

« Oh ! Ni byo rwose, ni ko navuze, ni yo. »

Naribwiye, nti « Oh ! Oh ! Maze kugaragaza ubuswa bwa njye.'

Nuko yaravuze, ati «Ni ubuhe bwoko bw'amasogisi maremare ushaka? »

Naribwiye, nti « Oh! Oh! Naravuze, nti « Ni ubuhe bwoko mufite ? »

Yaravuze, ati « Rwose, dufite akozwe muri [rayonne]. »

110 Sinari nzi kuyatandukanya. [Rayonne], [Mousseline], kuri njye, byose byari kimwe. Naravuze, nti « Niyo nshaka. » Yaravuze... Naravuze, nti « Ntunganyiriza umuguro w'ayafite akantu gafunga. » Nuko we... Simbivuga uko bikwiriye. Ese ni iki? Amasogisi maremare yo mu bwoko bwa « Moulants. » « Amasogisi maremare ya [moulants]. Nuko, naravuze, nti « Ntunganyiriza umuguro w'ayo ngayo. »

Nuko mu gihe cyo kuyampereza, nasanze yaraguraga gusa hafi amasantimu mirongo itatu, amasantimu makumyabiri cyangwa amasantimu mirongo itatu, hafi icya kabiri cy'igicro. Rwose, naravuze, nti « Mpa imiguru ibiri ya yo. » Murabona ?

111 Nasubiye mu rugo, kandi naravuze, nti « Urazi, mukundwa, mwebwe abagore, mwiruka amaduka, mukazenguruka umugi kugira ngo mubone isagu. » Muzi uko bakunda gutera urusaku. Kandi naravu, nti « Ariko, umva, yitegereze, naguze imiguro ibiri ya yo ku gicro kimwe n'icyo waguraho umwe. Urabona? » Naravuze, nti « Ni Thelma wayangurishije. » Naravuze, nti « Birashoboka ko yayampaye kuri kimwe cya kabiri cy'igicro. »

Yaravuze, ati « Wazanye ayakozwe muri « mousseline » ?

Naravuze, nti « Yego, madamu. » Kuri njye, byari kimwe byose, sinari nzi ko hari hariho itandukaniro.

112 Nuko yarambwiye, yaravuze, ati « Billy ! » Nari nabonye ibyo ko bidafututse, igihe twageze i Fort Wayne, yagombye kugura undi muguro w'amasogisi maremare. Kandi yaravuze, ati « Nayahaye mama wa we. » Yaravuze, ati « Ariya, ni ay'abagore bakuze.] Yaravuze, ati "Ndicuza kuba narakoze ibyo."

Naravuze, nti "Oh! Ibyo ntacyo bitwaye, mukundwa."

Yaravuze, ati "None, ntuzagume aho nta mugore." Kandi yaravuze... Ntiyari azi ibyari kubaho mu masaha make nyuma y'aho. Nafashe ibiganza bye nakundaga cyane, mu gihe Abamarayika b'Imana bamutwaraga.

113 Nasubiye iwa njye. Sinari nzi icyo nakora. Nari ndambaraye aho, iryo joro, kandi numvise... ndatekereza ko yari imbeba ntoya yari iri muri [shomine] itwara umwotsi ikuze aho twari twarashyize impapuro. Nakinze urugi n'ikirenge, kandi ikanzu ye yari iri aho, imanitswe inyuma y'urugi (kandi yari aryamye aho mu buruhukiro.) Nyuma y'akanya gato, umuntu yarampamagaye, avuga, ati "Billy!" yari Mwene Data Frank Broy. Yaravuze, ati "Umwana wa we muto ni uwupfa."

Naravuze, nti "Umwana wa njye w'uruhinja?"

Yaravuze, ati "Yego, Sharon Rose." Yaravuze, ati "Umuganga ari yo ubu tuvugana, kandi yavuze ko "afite mugiga y'igituntu, yacyanduye yonka nyina." Yaravuze, ati "Ni uwupfa."

114 Nafashe imodoka ya njye, kandi nagiyeye yo. Kari kari aho, akana gato k'igikundiro. Kandi bamujyanye byihuta ku ivuriro.

Nagiyeye kumureba. Sam yanjyanye yo kandi yaravuze, ati "Billy, ntiwinjire rwose muri icyo cyumba, ugomba gutekereza kuri Billy Paul." Yaravuze, ati "Ni uwupfa."

Naravuze, nti "Doc, we - ni ngombwa ko ndeba akana ka njye."

Yaravuze, ati "Oya, ntiwabasha kucyinjiramo." Yaravuze, ati "Afite mugiga, Billy, kandi uzacyanduzwa Billy."

115 Nategereje ko agenda. Sinabashaga kwihanganira kumubona apfa, mu gihe nyina yari aryamye aho, ku muntu utera imiti imirambo. Ndababwira ukuri, inzira y'umunyabicumuro iragoye. Nuko njye- nagiyeye yo, nanyerereye mu cyumba, kandi igihe Sam yagiye n'umuforomo na we akagenda, namanutse mu cyumba cyo hasi. Ni akavuriro rwose gato. Yari yashyizwe mu kato. Kandi amasazi yari yuzuye ku maso ya ko mato; bari borosheho akantu... icyo twita "Akenda karinda umubu." Cyangwa agace gato k'agatimba ku maso yako. Kandi ko... akaguru ka ko kabyibushye karinyeganyezaga ku buryo bugaragara, gutya, kanyeganyezwa n'igicuro gitera buhoro, kandi n'utuganza twako twarimo kunyeganyezwa n'icyo gicuro gitera. Narakitegereje, kandi kari kamaze rwose gukura bihagije kugira ngo kabe umwana mwiza, kari gafite hafi amezi umunani.

116 Nyina yamushyiraga hanze, n'agahu ka ko gato, murabizi, mu mbuga, igihe nabaga nje. Navuzaga ihoni, kandi kagiraga ngo "gu - gu, gu - gu," karamburaga amaboko kayerekeje kuri njye, murabizi.

Kandi akana kanjye k'igikundiro kari karambaraye aho. Nagakubise amaso, nuko naravuze, nti "Sharry, wamenye papa? Wamenye papa, Sharry? Kandi igihe karebye... Karababaraga bikabije ku buryo kamwe mu twiso twa ko twiza tw'ubururu kari kakebanye. Ni nk'aho bari bamvanyemo umutima!

Narapfukamyeye, naravuze, nti "Mwami, ni iki nakoze? Sinabwirije Ubutumwa bwiza iruhande rw'imihanda? Nakoze ibyo nshoboye byose. Ntubimpore. Sinigeze na rimwe nita abo bantu "abantu b'imburamumaro." Ni we wabise "abantu b'imburamumaro." Naravuze, nti "Ndicuza ibyabayeho byose. Mbarira. Oya - Ntutware na none akana ka njye." Nuko, mu gihe nasengaga. Ni nk'aho i... ikintu cy'umwenda ukingirije cyangwa umwenda wirabura wari umanuwe. Nasobanukiye ko Yari Yabimpakaniye.

117 Nyamara, aho cyari igihe kigoye kurusha ibindi kandi kibi kurusha ibindi mu buzima bwa njye. Igihe nongeye ngahaguruka kandi nkamwitegereza, naratekereje... Satani yanshyize mu mutwe, ati "Rwose, urashaka kuvuga ko nyuma yo kubwiriza rwose ku buryo bw'imbaraga, kandi ukabaho ubuzima wabayeho, none, igihe ari umwana wa we akana ka we bwite, Irabiguhakaniye?"

Naravuze, nti "Ni iby'ukuri. Niba Itabashije gukiza akana ka njye, icyo gihe simbasha..." Narahagaze. Njyewe - sinari nzi muby'ukuri icyo nakora. Kandi icyo gihe naravuze ibi, naravuze, nti "Mwami, ni Wowe Wamumpaye, kandi ni Wowe Wamutwaye, Izina ry'Umwami rishyirwe hejuru! Nubwo na njye na none Wantwara, nagukunda uko biri kose."

Narambitse ikiganza cya njye kuri we, naravuze, nti "Uhabwe umugisha, nshuti ya njye. Papa yakifuje kukurera, n'umutima wa njye wose nakifuje kukurera, kandi nkakurera kugira ngo uzakunde Umwami. Ariko Abamarayika baje kugushaka, nshuti ya njye. Papa agiye gufata umubiri wa we maze awushyire mu maboko ya mama. Ngiye kugushyingurana na we. Kandi, umunsi umwe, papa azabasanga, mutegerereze rwose Aho hejuru mu Ijuru wowe na mama."

118 Mu gihe nyina yarimo apfa, yari yavuze, amagambo ya nyuma yavuze, yaravuze, ati "Billy, guma mu murimo w'ivugabutumwa."

Naravuze, nti "Ngiye..." Yaravuze... Naravuze, nti "Niba ndi mu murimo w'ivugabutumwa igihe Azazira, nzajya gushaka abana kugira ngo tugusange. Bitabaye ibyo, nzashyingurwa hafi ya we. Genda uhagarare

iburyo bw'irembo rigari, kandi igihe uzababona bose binjiye, uzahagarare aho maze utangire gutera hejuru, uti "Bill! Bill! Bill! N'imbaraga za we zose. Nzagusangayo." Namusezeyeho muhobera. Ndi ku rugerero rw'urugamba uyu muni. Ibyo bimaze hafi imyaka makumyabiri kuva icyo gihe. Mfitanye gahunda n'umugore wa nyje, nzamusanga.

119 Kandi igihe ako kana gato gapfaye, naragafashe, kandi nagashyize mu maboko ya nyina, kandi twamutwaye mu irimbi. Nahagaze aho, numva mwene Data Smith, umubwirizabutumwa w'Umumetodisite wabwirije mu muhango wo gushyingura, ati "Ivu risubiye mu ivu, n'umukungugu mu mukungugu." Kandi naratekereje, nti "Umutima mu mutima." Yaragiye.

Nyuma y'igihe gito, najyanyeyo ka Billy igitondo kimwe. Kari kakiri rwose akana gato k'agahungu. Kari...

Ni ku bw'ibyo agumya kuba akaramata kuri nyje na nyje ngumya kuba akaramata kuri we. Nagombye kumubera icyarimwe papa na mama (bombi). Nafataga agakongoro ke. Ntitwabaga dufite uburyo bwo gucana umuriro nijoro kugira ngo tubike amata ye shyushye, nuko nagashyiraga muni y'umugongo wa nyje, ntya, kandi nayibikaga ishyushye ishyushye ku bw'ubushyuhwe bw'umubiri wa nyje.

Twagumanye nk'inshuti, kandi umwe muri iyo minsi igihe nzava mu murimo w'ivugabutumwa, nifuzaga kuzamusigira Ijambo, kandi nkavuga, nti "Uzakomeze Billy. Uzahagarare kuri Ryo." Hari abantu bibaza impamvu mba mufite igihe cyose. Simbasha gusigana na we. Nubwo yashatse, ndacyibuka ko yambwiye, ati "Uzagumane na we." Twasigaranye nk'inshuti.

120 Ntibuka ko nagendaga mu mujyi, n'inkongoro mu kwaha, kandi yatangiraga kurira. Umugoroba umwe, we... twabaga tugendagenda mu mbuga y'inyuma, aho... (Igihe yari ari hafi yo kumubwira, yahumekaga asamagaza akuka, kandi nyjewe... yari akiri umukobwa muto w'inkumi, murabizi.) Kandi nagendaga ngaruka mvuye ku giti gikuze cy'umuruzi muni y'urugo. Kandi yabaga ashaka nyina arira, ariko sinari mfite nyina bugufi bwa nyje namushyira. Naramuteruraga, naravugaga, nti "Oh! Mukundwa." Naravugaga...

Yaravugaga, ati "Papa, mama ari he? Mbese wamushyize mu gitaka, hariya?"

Naravugaga, nti "Oya, mukundwa. Ameze neza, ari Hariya Hejuru, mu Ijuru."

121 Yavuze ikintu runaka, aho, cyabaye hafi kunyica, igicamuni kimwe. Yarariraga, amasaha yari akuzwe mu mugoroba, kandi nari muhetse mu mugongo, gutya, nari mufite ku rutugu rwa nyje. Kandi naramukomangaga gutya. Nuko yaravuze, ati "Papa ndakwinginze, genda ushake mama kandi umuzane hano."

Nuko naravuze, nti "Mukundwa, simbasha kujya gushaka mama, Yesu..."

Yaravuze, ati "Rwose, bwira Yesu anyohereze mama. Ndamushaka."

Nuko naravuze, nti "Rwose, mukundwa, nyjewe... wowe na nyje, tuzajya kumureba umunsi umwe."

Nuko yarahagaze, yaravuze, ati "Papa! »

Naravuze, nti «Yego ? »

Yaravuze, ati « Nabonye mama, hariya hejuru kuri kiriya gicu. »

Oh! Ra ra! Ibyo byabaye hafi kunyica! Naribwiye, nti "Oh! Ra ra! Nabonye mama, hariya hejuru kuri kiriya gicu." Nabaye hafi yo guta ubwenge. Nafashe ako gacuti nkiyegamije mu gituzi cya nyje, gutya, rwose nubitse umutwe, kandi ninjiye mu nzu.

122 Iminsi yarahise. Sinashoboraga kwibagirwa ibyo. Nageragezaga gukora. Sinashoboraga gusubira mu rugo, ntirwari rukiri urugo. Kandi nabaga nshaka kwigumira yo. Ntacyo twari dufite kindi usibye ibyo bintu byo munzu bishaje byacikaguritse, ariko cyari ikintu twari twarungutse turi hamwe, we na nyje. Hari iwacu.

Kandi ndibuka umunsi umwe, nagerageje gukora imirimo ya Leta. Nari nagiywe gusana umuyoboro [w'amashanyarazi] ukuze muto wari wacitse, hari mu gitondo cya kare. Nuriye iyo nkingi ifite ishusho y'umusaraba. Sinashoboraga kwihanganira kugenda kw'ako kana. Nabashaga kumva ko umugore wa nyje yagenda, ariko iby'uko ako kana kagenda, ko kari kakiri rwose akaremwa gato!) Nuko nari ndi aho hejuru, narimo kuririmba, nti "Aho hejuru ku musozi uri kure hari hashinze umusaraba w'amasubyo." Imiyoboro mikuru yageraga muri "transifo," kandi ikongera ikagenda (murabizi) inyuze mu miyoboro mito. Kandi nari nuriye hejuru aho. Kubw'amahirwe, naritegereje, kandi izuba ryarimo kurasa, inyuma ya nyje. Kandi aho, n'ibiganza bya nyje biteze, n'ishusho y'umusaraba ku - ku musozi, naratekereje, nti "Ni byo, ni ibyaha bya nyje byamujyanye yo."

123 Naravuze, nti "Sharon, mukundwa, papa akeneye kukubona, mukundwa. Uburyo nifuza kongera



kugufata mu maboko ya njye, kibondo cya njye.” Narimo kuvugishwa. Ibyumweru byari bihise. Nakuyemo intoki bambara za njye zikozwe muri kawucu (coutchouc). Zari volute (volts) ibihumbi bibiri magana atatu zanyuraga aho, rwose iruhande rwa njye. Nakuyemo intoki bambara za njye zikozwe muri kawucu (coutchouc). Naravuze, nti “Oh! Mana, ndicuza gukora ibi. Ndi ikigwari.” Ariko, Sharry, papa agiye kongera kubabona, wowe na mama, mu minota mike.” Natangiye gukuramo intoki bambara za njye kugira ngo ndambike ikiganza cya njye kuri urwo rutsinga rwa volute (volts) ibihumbi bibiri na magana atatu. Ibyo byajyaga kunshwanyaguza. Rwose, ndetse nta maraso na mba yajyaga gusigara muri mwe. Kandi icyo gihe, njyewe - njye - nari ntangiye gukuramo intoki, habayeho ikintu runaka. Igihe nagaruye agatima, nari nicaye ku butaka, ibiganza biri mu maso, gutya, narariraga. Byari ubuntu bw’Imana; iyo bitaba ibyo sinajyaga kuba ndi hano nkora umurimo wo gukiza indwara, ibyo, mbizi neza. Ni we wari urinze impano Ye, ntabwo ari njye.

124 Nafashe urugendo rwo kujya mu rugo. Nahagaritse akazi, natunganyije ibikoresho bya njye. Kandi naratashye, naravuze, nti “Ntashye iwanjye.”

Nazengurutse inzu, kandi nafashe ubutumwa bwoherejwe mu rugo, hasaga n'ahakonje, narinjiye. Twari dufite akumba gato, nararaga ku gatanda gato k'urugendo, aho; utuvura tw'amasimbi twari tugiye gutangira kugwa, kandi iryo ziko rikuze... Nafashe ubutumwa, narebye icyari kirimo nk'ubutumwa, kandi, inyuma, ikintu cya mbere, cyari udufaranga twe twazigamwe twa Noheli, amasantimu mirongo inani, handitsweho ngo: “Madamazela Sharon Rose Branham.” Kandi nguko uko ibyo byonyeraga bikagaruka.

125 Nari umukozi urinda igice cy'umuhigo. Narambuye ikiganza aho kandi nafashe imbunda ya njye nto, pisitori ya njye, nayikuye mu gifuniko cya yo. Naravuze, nti « Mwami, njyewe - njye - sinkibashije kwihanganira ibi, ngiye - ngiye kwipfira. Ndi - ndababajwe bikabije. » Namanuye igice kiboneza cy'iyi mbunda nto, nayiboneje ku mutwe wa njye, mfukamyeye kuri ako gatanda k'urugendo, aho, muri ako kumba k'umwijima. Naravuze, nti «Data wa twese uri mu Ijuru, Izina rya We Ryubahwe, Ubwami bwa We buze, ibyo ushaka ari byo bikorwa,» kandi mu gihe nageragezaga gukora ku mbarutso n'imbaraga za njye zose, naravuze, nti “Ku isi kimwe no mu Ijuru. Uduhe uyu munsu umugati wa buri munsu.” Kandi isasu ntiryagendaga!

Naratekereje, nti “Oh! Mana, Ugiye kundimbura burundu? Ni iki nakoze? Ntushaka ndetse no kundeka ngo nipfire.” Najugunye hasi imbunda nto, nuko isasu ryaragiye, isasu ryambukiraniye icyumba. Naravuze, nti “Oh! Mana, kubera iki ntabasha kwipfira maze ngatandukana n'ibi? Muby'ukuri sinkibashije gukomeza. Ni ngombwa ko Wakora ikintu runaka kubwa njye.” Nikubise hasi, naraturitse ndarira ku gasego kanjye kanduye, aho.

Nagombye kuryama ndasinzira. Sinzi niba narinsinziriye cyangwa iki.

Nagize inzozo igihe cyose zo kunjya Iburengerazuba. Nakomeje kwifuzaga igihe cyose kubona imwe muri izo ngofero. Mu mabyiruka ya njye, papa yatozaga amafarashi, kandi buri gihe nifuzaga kugira imwe muri izo ngofero. Kandi mwene Data Demos Shakarian yarayinguriye ejo hashize, bityo yaba ibaye iya mbere naba ntunze (iyi naba ntarigeze na rimwe gutunga), imwe muri izo ngofero zo mu bwoko bambara Iburengerazuba.

126 Nibwiraga ngo ndatembera mu nzuri, ndirimba iyi ndirimbo, nti « Igare ikurura imizigo ifite umupira wasandaye, hari hari icyapa cyanditswe ku rwuri kigira, kiti « Ruragurishwa. » Kandi, uko nagendaga nigira imbere, nabonye igare rikurura imizigo rishaje ritwikiriye, ubwoko bw'igare rikurura imizigo rishaje ritwikiriye w'ihema, rifite umupira wari warashwanyaguritse. Birumvikana, ibyo byashushanyaga umuryango wa njye wasenyutse. Nuko, mukuryegera, naritegereje, kandi u- umukobwa w'inkumi mwiza bihebuje w'imyaka hafi makumyabiri yari ahagaze aho, imisatsi y'umweru miremire ihuhwa n'umuyaga n'amaso y'ubururu, yari yambaye ibyera. Naramwitegereje, naravuze, nti « Uraho. » Narakomeje.

Yaravuze, ati « Muraho, papa. »

Kandi narahindukiye, naravuze, nti « Papa ? Ariko, ni ko navuze, bite, madamaze, ubasha... mbasha kuba papa wa we, mu gihe ufite ikigero nk'icya njye ? »

Yaravuze, ati « Papa, ntabwo nzi rwose aho uherereye. »

Nuko naravuze, nti « Ni iki mushatse kuvuga? »

Yaravuze, ati « Hano, ni Ijuru. » Yaravuze, ati « Ku isi, nari Sharon wa we muto. »

« Rwose, ni ko navuze, mukundwa, wari ukiri akana gato. »

Yaravuze, ati « Papa, abana bato ntibaba abana bato hano, baba ari abantu badapfa. Ntibasaza kandi ntibakura na rimwe. »

Nuko naravuze, nti « Rwose Sharon, mukundwa, wowe uri umugore muto mwiza. »

Yaravuze, ati « Mama aragutegereje. »

Nuko naravuze, nti « Hehe? »

Yaravuze, ati « Aho, mu nzu ya nyu nshya. »

Nuko naravuze, nti « Inzu nshya? » Ba « Branham » turi abantu bahora bagenda, ntibagira inzu, icyo bakora gusa... Naravuze, nti « Rwose, sinigeze na rimwe ngira inzu, mukundwa.

Yaravuze, ati « Nyamara urayifite hano, papa. » Sinifuzaba kubwira umwana, ariko ni ibintu bikwiriye cyane kuri njye. [Mwene Data Branham ararira. - Umwanditsi.] Iyo mbitekerejeho, ibyo birongera bikangaruka mu bitekerezo. Yaravuze, ati « Urayifite hano, papa. » Nziko nyifite yo, umunsi umwe nzajyayo. Yaravuze, ati « Billy Paul ari he, musaza wa njye ? »

Naravuze, nti «Rwose, namusize kwa Mme Broy hashize iminota mike. »

Yaravuze, ati « Mama arifuzaba kukubona. »

127 Narahindukiye, naritegereje, kandi hari hari inyubako z'agatangaza nini, kandi icyubahiro cy'Imana cyari kizitwikiriye. Numvaga itsinda ry'abamarayika baririmba, bati « Inzu ya njye, inzu ya njye ya kera y'igikundiro. Natangiye kwinjira mu ngazi ndende, nayuriye n'imbaraga. Kandi igihe nageze ku muryango, yari ahagaze aho, yari yambaye umwambaro wera, imisatsi ye miremire yirabura yamugwaga mu mugongo. Yarambuye amaboko, nk'uko yabikoraga igihe cyose igihe nabaga mvuye mu kazi, naniwe, cyangwa ikintu runaka nk'icyo, namufashe ikiganza kandi naravuze, nti « Mukundwa wabonye Sharon hariya. » Naravuze, nti « Yabaye umukobwa w'inkumi mwiza, si ko biri? »

Yaravuze, ati «Ni byo Bill. » Yaravuze, ati « Bill. » Yamfashe mu maboko ye (kandi yaravuze), rwose ayangotesheje intugu za njye, yatangiye kunkomanga, yaravuze, ati « Reka kwitwira ibibazo ngo uhagarike umutima ku bwa njye na Sharon. »

Naravuze, nti « Mukundwa, sinzi uko nabyibuza. »

Yaravuze, ati « Ubu Sharon, na njye, turi mu mibereho myiza bihebuje kukurusha. Kandi yaravuze, ati "Ntiwongere kwitwira ibibazo ngo uhagarike umutima ku bwacu. Urashaka kubinsezeranya?"

Naravuze, nti "Hope!" Naravuze, nti "Umbuzeho bikabije, na Sharon na we ni uko; kandi hari Billy arakubaza igihe cyose, ararira." Naravuze, nti "Sinkimenya icyo namukorera."

Yaravuze, ati "Byose bizagenda neza, Bill." Yaravuze, ati "Nsezeranya gusa ko utazongera kwitwira ibibazo ngo uhagarike umutima." Kandi yaravuze, ati "Ntiwifuzaba kwicara?" Narebye impande za njye, kandi hari hari ifuteye (fauteuil) ngari.

128 Ndibuka ko nari nagerageje kugura ifuteye. Icyo twari dufite gusa, cyari udutebe dushaje tw'imbaho tw'ibikoresho byacu by'ibibazwa by'igikoni, zifite igice bicaraho cyari gikozwe mu biti. Rwose twagombaga gukoresha utwo dutebe, ni two twari dufite twonyine. Kandi twagize uburyo bwo kugura ifuteye, yo mu bwoko bw'izo ubasha guhina ahagamirwa, kimwe... sinkibuka ubwoko bw'ifuteye ifunitse ubwo ari bwo. Yaguraga amadolari cumi n'arindwi, washoboraga kwishyura amadolari atatu y'ibanze, hanyuma ukagenda wishyura idolari rimwe mu cyumweru. Twaguzwe imwe. Kandi, oh! Igihe nabaga nje... nakoraga umunsi wose kandi narabwirizaga nkageza mu gicuku, mu mihanda n'ahantu hose nashoboraga.

Nuko - na njye, umunsi umwe, nari nakererewe mu kuyishyura, kandi igihe cyarashiraga, umunsi ku munsi, nuko hanyuma, umunsi umwe, baje gushyura ifuteye ya njye, barayitwaye. Uwo mugoroba, sinzawibagirwa na rimwe, yari yankoreye umugati n'imbuto za "cerises." Umukobwa muto wo kubabarirwa, we - we - yari azi ko ndibuze ngakubitwa n'inkuba. Nyuma y'ifunguro rya nimugoroba, naravuze, nti "Kubera iki umeze neza cyane bikabije, uyu mugoroba, mukundwa?"

Yaravuze, ati "Umva, nohereje abahungu b'abaturanyi kugushakira iminyorogoto yo kurobesha. Ntutekereza ko twakagombye kujya ku mugezi, kuroba akanya gato?"

Naravuze, nti "Yego, ariko..."

129 Yaraturitse ararira. Nari nzi ko hari hari ikintu runaka kitagendaga. Nari mfite kubwira umwana mbere, kubera ko bari baramaze kunyohereza itangazo rivuga ko bari bagiye kuzaza kuyishyura. Ntitwashoboraga kubahiriza ubwo bwishyura bw'idolari imwe mu cyumweru. Ntitwabishoboraga, twebwe ntitwari... ntitwari dufite ubushobozi bwa byo. Yamfashe mu maboko ye, nagiyeye ngana ku muryango, kandi ifuteye ya njye bari bayijyanye.

Yarambwiye Aho hejuru mu Ijuru, yaravuze, ati « Uribuka ya futeye, Bill? »

Nuko naravuze, nti "Yego, mukundwa, ndayibuka."

Yaravuze, ati "Ni yo watekerezagaho, si ko biri?"

"Ni byo."

Yaravuze, ati "Rwose, iyi yo, ntibazayitwara, iyi yo yarishyuye." Yaravuze, ati "Icara akanya gato, ndifuza kuvugana na we."

Nuko naravuze, nti "Mukundwa, sinsobanukirwa ibi."

Yaravuze, ati "Nsezeranya, Billy, nsezeranya ko utazongera kwitwara ibibazo ngo uhagarike umutima."

Nuko naravuze, nti "Sinamenya uko nabigusezeranya, Hope."

130 Kandi rwose icyo gihe, narongeye ngarura ubwenge, hari hacuze umwijima mu cyumba. Narebye impande za njye, kandi numvaga ukuboko kwe kwari kumfashe kungose. Naravuze, nti "Hope, uri hano, mu cyumba?"

Yatangiyeye kunkomanga. Yaravuze, ati "Ugiye kunsezeranya iri sezerano, Bill? Nsezeranya ko utazashaka... utazongera kwitwara ibibazo biguhagarika umutima."

Naravuze, nti "Ndabigusezeraniye."

Kandi nyuma yo kunkomanga inshuro ebyiri cyangwa eshatu, na we ntiyongeye kuboneka. Narahubutse ndahaguruka kandi nacanye urumuri. Narebye hose, yari atagihari. Nyamara gusa yari yavuye mu cyumba. Ntiyapfuye, ariho ni muzima ibihe byose. Yari umukristukazi.

131 Billy na njye, twagiye ku gituro, aho, hashize igihe gito, dushyiriyemo ururabo ruto nyina na mushiki we, igitondo cya pasika, kandi twarahagaze. Ako kana k'iryori k'igikundiro, katangiye kurira, karavuze, kati "Papa, mama ari hariya muni."

Naravuze, nti "Oya, mukundwa. Oya, ntabwo ari hariya muni. Mushiki wa we ntari hariya muni. Hano dufite imva ifunze, Ariko kure cyane, hakurya y'inyanja, hari imva ikinguwe, aho Yesu Yazutse aturutse. Umunsi Azazira, Azazana na mushiki wa we na mama wa we."

Ndi ku rugerero rw'urugamba mu ntambara uyu munsi, nshuti za njye. Njyewe - sinakongera kumenya uko nakomeza kuyibatekerereza. Njyewe... [Mwene Data Branham ararira. - Umwanditsi] Imana ibahe umugisha. Twunamisha umutwe akanya gato.

132 Oh! Mwami! Kenshi na kenshi, Mwami, mbizi neza, abantu ntibasobanukirwa, igihe bibwira ko ibyo bintu bibaho ubusanzwe. Ariko umunsi ukomeye uraje, kandi icyo gihe Yesu Azaza kandi ako gahinda kose kazayoyoka. Ndakwinginze, Data uri mu Ijuru, ngo Udufashe tuzabe twiteguye.

Kandi iri sezerano rya nyuma, igihe namuhobeye duhanye imisaya muri icyo gitondo, mubwira ko najyaga kuzongera kumubona yo urya muni, ndatekereza ko azahagarara hafi y'igikingi cy'irembo, agatera hejuru n'ijwi riranga ahamagara izina rya njye. Kuva icyo gihe, nakomeje kuba umwizerwa kuri iryo sezerano, Mwami, ahantu hose mu isi ahantu h'ubwoko bwose, ngerageza kujyana Ubutumwa bwiza. Ndakuzubona kandi ndananiwe, nta ntege ngifite. Umwe muri icyo gihe, nzafunga iyi Bibiliya bwa nyuma. Oh! Mana, undinde mbe umwizerwa ku isezzerano. Ungoteshe ubudatuzanya ubuntu bwa We, Mwami. Sinkajye ndeba ku bintu by'ubu buzima, ahubwo mbeho ku bw'ibintu biri Hakurya. Umfashe kuba umwiringirwa. Sinsaba kugira ubuzima bworoshye, Oya, Mwami, mugihe Umwami wa njye yapfiriye mu mubabaro hariya, n'abandi bese bakaba barapfuye kuri ubwo buryo. Sinsaba koroherezwa. Undeke gusa mbe umwizerwa n'umunyakuri, Mwami. Ukore ku buryo abantu bankunda, kugira ngo mbayobore kuri Wowe. Kandi, umunsi umwe, igihe byose bizaba birangiye, maze tugateranira muni y'ibiti bihora bitoshye, ndifuza kuzamufata ikiganza maze nkamujyana, nkamwereka abantu b'Angelus Temple n'abandi bese. Icyo gihe kizaba ari igihe cyiza bihebuje.

Ndasaba ko imbabazi za We zaba kuri buri wese muri twe hano. Kand abari hano, Mwami, birashoboka ko rwose baba batakuze. Kandi birashoboka ko baba bafite ikiremwa gito cy'agaciro gakomeye aho hakurya y'inyanja. Niba batarigeze na rimwe basohozwe isezzerano rya bo, babashe kubikora ubu, Mwami.

133 Mu gihe dufite imitwe icyiye bugufi, ndibaza kuri iki cyumba, kinini cyane bikabije, kuri iki gicamunsi, ni bangahe muri mwe mugiyeye kuvuga, muti "Mwene Data Branham, na njye, nifuzaga kuzasangayo abo nkunda. Njyewe - njye - mfite abo nkunda rwose aho hakurya y'uruzi?" Birashoboka ko mwaba mwaratanze isezzerano ryo kuzabasangayo. Birashoboka ko, igihe mwabwiye mama wa nyu, muti "Urabeho" ku mva uwo munsi, birashoboka ko, igihe mwabwiye mushiki wa nyu muto, cyangwa papa wa nyu cyangwa abandi, muti, "Urabeho," mwasezeranye kuzabasangayo, kandi mwebwe - na none mukaba mutiteguye rwose kubw'ibyo. Ntimutekereza ko wakabayeho umwanya mwiza wo kubikora ubu?

134 Mumbabarire ku bw'uko nturitse nkarira. Nyamara, Oh! Ra ra! Ntimubibona, nshuti ya njye. Ntimuzi icyabonetse nka - nk'igitambo! Ibyo, ni nk'agace k'ubusa busa k'amateka y'ubuzima bwa njye.

Ni bangahe bakwifuzaga guhaguruka nonaha, kandi bakigira imbere kugira ngo tubasengere, maze bakavugaga, bati « Ndifuzaga kuzasanga abo nkunda? » Muhaguruke, mu iteraniro, kandi mwigire hafi hano. Murifuzaga kubikora? Niba hari umuntu utarigera na rimwe yitegura ku bw'ibyo. Imana ibahe umugisha, mugenzi wa njye. Ndabona umuntu w'umwirabura uza, n'abandi baza. Muve mu myanya ya nyu. Mwebwe muri mu nyubako yo hejuru, aho hejuru, rwose musohoke mujye mu kayira. Cyangwa muhaguruke, mwebwe abifuzaga ko tubibuka mu ijamba ry'isengesho muri aka kanya. Ni ibyo. Muhaguruke. Ni byiza. Muhaguruke, ahantu hose, mwebwe mwebwe mwifuzaga kuvuga, muti « Mfite papa hakurya, mfite mama cyangwa uwo nkunda hakurya. Ndifuzaga kuzajya kubareba. Ndifuzaga kuzongera kubabona bari mu mahoro. » Murifuzaga guhaguruka, muhaguruke gusa, hose mu iteraniro. Muhaguruke, muvuge, muti « Ndifuzaga kwemera. »

135 Imana ibahe umugisha, madamu. Imana ibahe umugisha, aho inyuma. Ibahe umugisha, aho hejuru. Imana ibahe umugisha, ucishije aha, mugenzi wa njye. Ni ibyo. Aho hejuru mu cyumba, Umwami abahe umugisha. Noneho, abo mu mpande zose, ahantu hose, muhaguruke, tugiye kuvuga ijamba ry'isengesho, mugihe Umwuka wera ari hano, kandi Arakora ku mitima yacu, kugira ngo - kugira ngo - kugira ngo atumenagure.

Muzi icyo itorererwako rikeneye uyu munsi, ni ukumenagurwa. Tugomba kujya mu Rugo rw'Umubumbyi, ubuhanga bwacu muby'iyobokana (tewolojiya) butagonda, ibyo twiremaremeye ubwacu bwite, rimwe na rimwe, ibyo ntibigenda neza cyane. Ikidukwiriye, ni ukumenagurwa ku buryo bwa kera, ukwihana mu mitima yacu, kwicisha bugufi imbere y'Imana. Ese aho ni abo biteguye guhaguruka nonaha?

Rero, twunamisha umutwe ku bw'isengesho.

136 Oh! Mwami, Wowe wagaruye Yesu ku bw'a-... Ukamukura mu bapfuye, kugirango Udutsindishirize twese ku bwo kwizera, mukwizera, ndasaba, Mwami, ko abahagurutse muri aka kanya ku bwo ku kwemera, ndasaba ko bahabwa imbabazi. Kandi, oh! Mwami, ndasaba ko bakwemera nk'umukiza wa bo, Umwami wa bo, kandi Ubakunda. Kandi birashoboka ko bafite mama, cyangwa papa, cyangwa umuntu, rwose hakurya y'inyanja. Ikintu kimwe kizwi bidasubirwaho, bafite Umukiza. Ibyaha bya bo babasha kubibabarirwa, n'ubugome bwa bo bwose bugahanagurwa, kugira ngo ubugingo bwa bo bwezwe mu Maraso y'Umwana w'Intama, kandi babeho mu mahoro uhereye uyu munsi.

Kandi, umunsi mwiza uhebuje, igihe byose bizaba birangiye, tuzabashe guteranira mu Rugo rwa We, kandi tuzabe turiyo, imiryango uko yakabayeho, kugira ngo duhurire yo n'abo dukunda bategereye hakurya. Turabakweguriye, kuko "Uzarindirira mu mahoro yuzuye asesuye ufite umutima wishingikirije kuri Wowe." Ubitange, Mwami, mu gihe tubakweguriye. Mu Izina ry'Umwana wa We, Umwami Yesu. Amina.

137 Imana ibahe umugisha. Nzi neza ko abakozi babona aho muri, kandi baribube bari kumwe na mwe mu mwanya muto.

Kandi noneho, abagiye guhabwa amakarita yo gusengerwa, Billy, Gene na Leo bari he, bari inyuma? Bari hano ku bwo gutanga amakarita yo gusengerwa, mu minota mike. Mwene Data agiye kudusezerera adufashishije isengesho, hanyuma amakarita yo gusengerwa araza gutangwa. Turaza kugaruka mu mwanya muto, ku bwo gusengerwa abarwayi. Ni byiza cyane, mwene Data.



[www.messagehub.info](http://www.messagehub.info)

Ibibwiriza bya

**William Marrion Branham**

"...mu minsi y'ijwi ..." Ibyah. 10:7